# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-61 TARIKI 26 GICURASI-1 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

RwandAir yasubukuye ingendo muri Dubai na Doha



2

AMAKURU

Hasojwe imyitozo y'abahagarariye ibihugu bigize EAPCCO



6

MU NTARA

Kayonza: Abantu 30 bibaga amabuye y'agaciro bafashwe hifashishijwe drones



15

IMYIDAGADURO

Abacikanwe n'amatike y'igitaramo cya King James bashyizwe igorora




22


# Imbere ya Perezida Kagame, RSSB Tigers yanditse amateka yegukana BAL 2026



Perezida Paul Kagame yitabiriye umukino wa nyuma, RSSB Tigers yegukanyemo igikombe

**SHEMA Ivan**

***RSSB Tigers yanditse amateka yo kuba ikipe ya mbere yo mu Rwanda yegukanye irushanwa rya Basketball Africa League (BAL) nyuma yo gutsinda Petro de Luanda yo muri Angola amanota 90-88 mu mukino warebwe na Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame.***

Uyu mukino wari utegerejwe na benshi, wabaye mu ijoro ryo kuri iki Cyumweru, tariki ya 31 Gicurasi 2026 muri BK Arena yari yuzuye abafana ibihumbi 10.

Wari umukino utegerejwe cyane kuko RSSB Tigers yifuzaga kuba ikipe yo mu Rwanda yegukanye irirushanwa ryakinwaga ku nshuro ya gatandatu, mu gihe iyo muri Angola na yo yashakaga igikombe cya kabiri gisanga icyo yatwaye mu 2024.

Petro de Luanda ni yo yatangiye neza umukino itsinda amanota menshi ibifashijwemo n'abakinnyi barimo Abou Backar Pedro ikinyuranyo kiba amanota 20 RSSB Tigers BBC itarabona na rimwe.

Mu minota itatu ya nyuma, RSSB Tigers yinjiye mu mukino itangira kugabanya ikinyuranyo binyuze mu bakinnyi barimo Teafale Lenard Jr na Leonard Craig Randall II.


KOMEZA KU RUP.3


## Jeannette Kagame yashimiye Dusabejambo watsindiye Caméra d'Or

**IMVAHO NSHYA**

***Madamu Jeannette Kagame yashimiye Umunyarwandakazi Dusabejambo Marie-Clémentine wanditse amateka ubwo yatsindiraga igihembo mpuzamahanga kizwi nka Caméra d'Or kubera filimi 'Ben'Imana' yahize izindi mu Iserukiramuco rya Cannes Film Festival.***

Iyo filimi yahise yamamara mu ruhando mpuzamahanga nyuma yo kwegukana Caméra d'Or mu Iserukiramuco ryari ribaye ku nshuro ya 19 muri Gicurasi 2026. Iyo ntambwe yatumye iyo filimi iba iya mbere yayobowe n'Umunyarwanda yatoranyijwe mu ruhando mpuzamahanga.

Ben'Imana yahize izindi filimi za mbere 30 zari zatanzwe mu byiciro bitandukanye by'iri serukiramuco, ikaba yari yerekanywe mu cyiciro cya 'Un Certain Regard' kigenerwa filimi zifite uburyo bwihariye bwo kuvuga inkuru no gucukumbura ibibazo byimbitse by'umuryango.

Ku wa Gatandatu, ubwo yari mu basaga 2 000 bitabiriye ihuriro ry'Urubyiruko 'Igihango cy'Urungano' ryabaye ku nshuro ya 13 ku wa Gatandatu tariki ya 30 Gicurasi, Madamu Jeannette Kagame yavuze kuri iyo filimi igaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ingaruka yagize ku muryango nyarwanda n'uko Abanyarwanda


KOMEZA KU RUP.3



SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Bumvaga ari inzozi ko FPR yafata igihugu ikakiyobora - Madamu Jeannette Kagame




**Madamu Jeannette Kagame yibukije urubyiruko ko nubwo rwibuka rukanababara, ariko ari n'igihe cyo kongera kwibutswa kurinda igihango rufitanye n'u Rwanda**

**KAYITARE Jean Paul**

***Madamu Jeannette Kagame, Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri, yavuze ko ababibye ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bumvaga ari inzozi ko FPR - Inkotanyi yafata igihugu ikabasha kukiyobora.***

Yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki 30 Gicurasi 2026 mu Intare Conference Arena, mu Ihuriro ry'Urubyiruko 'Igihango cy'Urungano' rifite insanganyamatsiko igira iti 'Rubyiruko, Turwanye Ingengabitekerezo ya Jenoside, Twimakaze Ubumwe n'Ubudaheranwa.'

'Igihango cy'urungano', ihuriro ry'urubyiruko ngarukamwaka, ryitabiriwe n'abarenga 2 000 barimo urubyiruko ruturutse mu Turere twose tw'Igihugu n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye. Ni ihuriro ryahujwe n'igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 urubyiruko rwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibiganiro bitangwa muri iri huriro bigaruka ku mateka y'u Rwanda, by'umwihariko ayagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse no kurebera hamwe uruhare rw'urubyiruko mu gukumira Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko nubwo urubyiruko rwibuka rukanababara, ko ari n'igihe cyo kongera kwibutswa kurinda igihango no kubaka u Rwanda rwifuzwa. Yagaragaje ko kongera kwiyubaka k'u Rwanda na byo ari amateka Abanyarwanda bagomba guhora baganiraho nk'umusingi wo kubakiraho.

Hashize imyaka 32 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe ari na yo myaka ishize Abanyarwanda batangiye urugendo rwo kubaka u Rwanda rubereye buri wese kandi bakwiye kwishimira kubamo. Gufata umwanya nk'uyu birakwiye kuko guhindura imyumvire mibi abantu bigishijwe iminsi myinshi kandi igashinga imizi, na byo bisaba umwanya.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko nyuma y'ihungabana Abanyarwanda benshi bari bafite, ko nyuma yuko FPR - Inkotanyi yari imaze guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, byarashobokaga ko hari abahitamo kwihorera ariko ngo ntibabikoze kuko bari kuba batatiye igihango cy'impamvu bafashe intwaro bakemera guhara ubuzima bwabo ngo barwanire igihugu buri munyarwanda wese yibonamo.

Akomeza agira ati: "Kuri benshi bumvaga ari inzozi ko FPR Inkotanyi yafata igihugu ikakiyobora, ni na yo mpamvu kuri bo bumvaga bizaborohera cyane kongera gutera u Rwanda. Babigerageje kenshi ariko byarabananiye."

Yavuze ko urukundo rw'umuryango rudakwiye kubuza gushyira imbere ikizaramira u Rwanda kuko ari yo ngombyi ihetse Abanyarwanda, aho bose bibona nk'umuryango mugari.

Urubyiruko n'abari bato babohoye igihugu mu gihe cy'imyaka 32 ishize, bakoze amahitamo akomeye yashoboraga no gutwara ubuzima bwabo kandi hari benshi batakarije ubuzima bwabo ku rugamba kugira ngo u Rwanda rwongere rubeho amahoro.

Akomeza agira ati: "Mwebwe urubyiruko n'abato b'uyu munsi mufite umukoro wo kurinda no kubungabunga umutekano dufite kandi bikajyana n'imibereho myiza mu nzego zose n'iterambere.

Mufite byinshi byo guheraho mukubaka amateka azagena imibereho y'u Rwanda n'Abanyarwanda itajegajega. Ese mwebwe ntimwifuza kuba mu gihugu giteye imbere? Ibi rero ntibishobora kubangikana n'amacakubiri n'ibindi bigamije gusenya."

Yasabye urubyiruko gukomeza kugaragaza isura ya nyayo y'Igihugu, cyane ko rwo rufite ibyo ruvuga, ko abo bandi nta kindi bafite bashyira imbere uretse amoko, kwibasira Abayobozi n'ibindi bigayitse bimwe Abanyarwanda bavuga ko atari iby'i Rwanda.

Ati: "Niba tukibona bake bakibaswe n'ingengabitekerezo ya Jenoside no kwibona mu ndorerwamo y'amoko aho bavuka cyangwa baturuka, ni ikimenyetso ko tutaragera ku myumvire imwe kuri twese. Ndi Umunyarwanda ni igitekerezo ngenga cyo kubaho kwacu dukwiye gushingiraho byose."

# RwandAir yasubukuye ingendo muri Dubai na Doha

**MICOMYIZA Fidele**

***Sosiyete y'u Rwanda ikora ubwikorezi bwo mu Kirere, RwandAir yasubukuye ingendo zijya n'iziva mu mijyi ya Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu na Doha muri Qatar nyuma y'iminsi zarasubitswe kubera intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati ihanganishije Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ifatanyije na Isiraheli kurasa kuri Iran.***

RwandAir yabigarutseho mu itangazo yashyize hanze ku wa Gatanu, tariki ya 29 Gicurasi 2026 ryavugaga ko izi ngendo zitangira ku itariki ya 1 Kamena 2026.

Izi ngendo zasubukuwe, zari zarahagaritswe ku wa 28 Gashyantare 2026 bitewe n'ibitero Iran yariri kugaba mu Burasirazuba bwo Hagati.

Icyo gihe Sosiyete yari yagize iti: "Bitewe n'impinduka ziri mu Burasirazuba bwo Hagati, ingendo za WB300/WB303 ziva i Doha na WB304/WB305 i Dubai, zirahagaritswe kugeza igihe hamenyekanishwa andi makuru. Umutekano w'abagenzi bacu n'abakozi bacu uracyari ikintu cy'ingenzi kuri twe dushyize imbere."

RwandAir yatangije ingendo zihoraho zihuza Kigali na Doha guhera mu kwezi k'Ukuboza k'umwaka wa 2021.




**RwandAir yasubukuye ingendo zerekeza mu Burasirazuba bwo Hagati**

# Imbere ya Perezida Kagame, RSSB Tigers yanditse amateka yegukana BAL 2026

IBIKURIKIRA URUP.1

Aka gace karangiye Petro de Luanda yatsinze RSSB Tigers BBC amanota 27-16.

Mu gace ka kabiri, RSSG Tigers yakomeje kugabanya ikinyuranyo ibifashijwemo na Leonard Craig Randall II watsindaga amanota menshi yinganjemo amanota atatu na Axel Mpoyo ndetse iyobora umukino n'amanota 37-35.

Igice cya mbere RSSB Tigers yayoboye umukino n'amanota 42 kuri 37 ya Petro de Luanda.

Mu gace ka gatatu, umukino watangiye wegeranye cyane amakipe yombi mu gutsinda amanota binyuze mu bakinnyi bayo barimo Abou Backar Pedro na Teafale Lenard Jr.

Mu minota itatu ya nyuma, RSSB Tigers yongereye ikinyuranyo cy'amanota ibifashijwemo na Antino Jackson na Mangok Mathiang kiba umunani (60-52).

Petro de Luanda yagerageje kugabanya ikinyuranyo binyuze mu bakinnyi barimo Rafael Putney na Childe Dundao ariko biranga.

Aka gace karangiye RSSB Tigers ikomeje kuyobora umukino n'amanota 61-59.

Mu gace ka nyuma, umukino watangiye wegeranye cyane amakipe yombi agendana mu gutsinda amanota.

Mu minota itatu ya nyuma abafana bari muri BK Arena bazamuye umurindi RSSB Tigers yongereye ikinyuranyo cy'amanota binyuze kuri Oumar Ballo na Leonard Craig Randall II watsindaga amanota atatu gusa.

Umukino warangiye RSSB Tigers BBC yatsinze Petro de Luanda amanota 90-88, yandika amateka yo kuba ikipe ya mbere yo mu Rwanda yegukanye irushanwa rya Basketball Africa League (BAL) ryakinwaga ku nshuro ya gatandatu.

Umukinnyi mwiza w'irushanwa (MVP) yabaye Leonard Craig Randall II wa RSSB Tigers mu gihe mugenzi we bakinana Mathiang Mangos yabaye umwiza wugarira.



Byari ibyishimo ku bakinnyi ba RSSB Tigers BBC nyuma yo kwegukana BAL 2026

Umutoza mwiza w'Irushanwa yagizwe Henry Mwinuka wa RSSB Tigers BBC.

Umwanya wa gatatu wegukanywe na Al Ahly Benghazi yo muri Libya, nyuma yo gutsinda Al Ahly yo mu Misiri amanota 106-98.

# Jeannette Kagame yashimiye Dusabejambo watsindiye Caméra d'Or

IBIKURIKIRA URUP.1




Madamu Jeannette Kagame yashimiye Umunyarwandakazi Dusabejambo Marie Clementine watsindiye igihembo mpuzamahanga cyitwa Caméra d'Or

bahisemo ubumwe n'ubwiyunge mu nzira yasaga n'idashoboka.

Iyo filimi yatangiye gutegurwa mu mwaka wa 2012, ikurikirana ubuzima bwa Vénéranda warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 winjiye mu rugendo rw'ubutabera bushingiye ku kwiyunga k'Umuryango Nyarwanda, mu gihe yari ahanganye n'igitutu cy'imibereho, ibibazo by'imiryango n'akazi byageragezaga ukwihangana kwe mu kubabarira no kwiyunga.

Iyo filimi igaragaza umutwaro w'amarangamutima uri ku mitwe y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse n'imbaraga byabasabye kugira ngo batere intambwe yo kubaho nyuma ya Jenoside, bagomba kubana no kubabarira ababiciye.

Madamu Jeannette Kagame yashishikarije urubyiruko rwitabiriye Igihango cy'Urungano kureba iyo filimi agira ati: "Ndabakangurira kuyireba, kandi nkanasaba Clémentine n'abandi nka we gukomereza aho. Uyu munsi, amateka y'u Rwanda akomeje kuvugwa n'Abanyarwanda ubwabo, haba imbere mu Gihugu no mu mahanga, kandi iyo ni yo ntego mukwiye kugira namwe kutemera gusa ibyo abandi bababwira ku gihugu cyanyu."

Madamu Jeannette Kagame yakomeje ashishikariza urubyiruko kurushaho kongera ubumenyi abafite ku mateka y'ukuri y'u Rwanda kandi bakabikora binyuze mu bushakashatsi, basura inzibutso za Jenoside, bakurikirana ubuhamya w'abarokotse ndetse basoma ibitabo cyangwa bareba filimi mbarankuru zivuga ukuri kuzuye ku gihugu cyabo.

Yakomeje agira ati: "Hashize igihe kinini, amateka y'u Rwanda n'aya Afurika avugwa n'abanyamahanga, batubwira abo turi bo, uko dukwiye kwambara, uko dukwiye kwitwara, ibyo dukwiye kwemera, n'uko bakwiye kutwita. Uyu munsi ni mwebwe muzatabara u Rwanda ndetse mugene ahazaza harwo."

'Igihango cy'Urungano' ni igikorwa ngarukamwaka gitegurwa na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, ifatanyije na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Umuryango Imbuto Foundation, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ndetse n'abandi bafatanyabikorwa.



Dusabejambo Marie Clementine wegukanye Caméra d'Or muri uku kwezi

# Abamugariye ku rugamba bishimira ko indangagaciro barwaniye ziyoboye u Rwanda

**IMVAHO NSHYA**

***Abakomerekeye ku rugamba rwo kubohora Igihugu basuye ahantu ndangamateka h'urugamba bakomerekeyemo, bagaragaje uburyo urwo ruzinduko rwabagaruriye urwibutso rw'ibihe bikomeye banyuzemo, bagaragaza ko banezwezwa n'uko indangagaciro zatumye bafata intwaro bakarwanya ubuyobozi bubi, zikiyoboye u Rwanda mu rugendo rugana ku mahoro, ubumwe n'iterambere rirambye.***

Iryo tsinda ry'abasaga 60 bahoze ari abasirikare ba RPA-Inkotanyi bakomerekeye ku rugamba, bakoze urugendo rw'iminsi ibiri basura ahantu ndangamateka hagaragaza inzira y'urugamba rwo kubohora Igihugu, mu rugendo rwateguwe na Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (Rwanda Demobilization and Reintegration Commission/ RDRC).

Urwo rugendo rwatangiriye ku mupaka wa Kagitumba uhuza u Rwanda na Uganda, ahatangiriye urugamba rwo kubohora igihugu ku wa 1 Ukwakira 1990. Aba bakomerekeye ku rugamba kandi basuye ibice bitandukanye biri hagati ya Kagitumba na Gatuna, birimo Gikoba ahari indake ya mbere Maj. Paul Kagame wayoboreyemo urugamba mu minsi ya mbere, Umulindi w'Intwari aho icyicaro gikuru cya RPA cyabarizwaga, ndetse n'umusozi wa Kaniga ahakoreraga Radio Muhabura.

Iri tsinda ryari riherekejwe n'Umuyobozi Mukuru wa RDRC, Valerie Nyirahabineza, hamwe na Maj Gen (Rtd) Jacques Nziza, umwungirije.

Sgt (Rtd) Peter Gisagara, umwe mu bakomerekeye ku rugamba, yavuze ko yakomeretse nyuma y'iminsi 15 gusa urugamba rutangiye, atakaza ukuguru tariki ya 15 Ukwakira 1990 mu mirwano yahanganishaga RPA n'ingabo za Leta ya Habyarimana zifatanyije n'abasirikare boherejwe na Perezida Mobutu wa Zaïre hafi n'ikigo cya Gabiro.

Nyuma y'imyaka 36, Gisagara yavuze ko kongera gusubira i Gabiro aho yakomerekeye byamugaruriye amateka n'ibiyiumvo byinshi, ariko ko yishimira ko ubwitange bwabo bwatanze umusaruro wo kubohora Igihugu no kubaka u Rwanda rwunze ubumwe. Yagize ati: "Igihugu gisaba ubwitange. Twavutse turi impunzi. Twitanze tukiri bato kandi twemera Igihugu cyacu. Turasaba urubyiruko gukomeza uwo murage w'ubutwari, gukunda Igihugu no kukirinda."

Abakomerekeye ku rugamba bashimiye Leta y'u Rwanda n'ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda ku gukomeza kubitaho no kwita ku miryango yabo. Bavuze ko uru rugendo rwabafashije kongera kwibuka amateka y'urugamba no gusubira ku ndangagaciro zaruranze, zirimo gukunda igihugu, ubumwe no kwitangira Abanyarwanda.

Banavuze ko gusubira aho barwaniye byababereye nk'umuti ubongera imbaraga no kongera guhura n'abo basangiye amateka akomeye yo kubohora Igihugu.

Perezida wa RDRC, Valerie Nyirahabineza yashimiye Perezida wa Repubulika Paul Kagame, akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, ku buyobozi yagaragaje ayobora urugamba rwo kubohora Igihugu rwahagaritse amacakubiri, itotezwa no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse akubaka u Rwanda rwunze ubumwe kandi rufite umutekano.

Yanashimye cyane aba bakomerekeye ku rugamba ku mutima wo gukunda Igihugu, ukwihangana, ubwitange n'umurava bagaragaje, avuga ko uruhare rwabo rukomeje kuba inkingi y'amahoro n'umutekano Igihugu gifite uyu munsi.

Umuhora w'Amateka y'Urugamba rwo Kubohora u Rwanda

Umuhora w'amateka w'Urugamba rwo Kubohora u Rwanda (Liberation History Tourism Trail) ni igikorwa kigizwe n'ahantu 29 h'ingenzi mu Turere dutandatu twagize uruhare rukomeye mu rugamba rwo kubohora Igihugu hagati ya tariki ya 1 Ukwakira 1990 na tariki ya 4 Nyakanga 1994.

Utwo turere ni Gatsibo, Nyagatare, Gicumbi, Burera, Musanze na Gasabo.

Uyu muhanda w'ibilometero 120 watangijwe nk'inzira y'ubukerarugendo igamije gufasha Abanyarwanda n'abanyamahanga gusobanukirwa amateka y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bimwe mu bice bigize Liberation History Tourism Trail

- Kagitumba – Aho urugamba rwatangiriye
- Nyabwishongwezi – Aho Intwari Gen. Fred Gisa Rwigema yaguye
- Gabiro CTC – Ikigo cya mbere cya gisirikare cyafashwe na RPA
- Gikoba – Ahafashwe nk'ibirindiro bya mbere bya RPA
- Shonga – Ahatsindiwe ibirindiro bikomeye by'umwanzi bwa mbere
- Mulindi w'Intwari – Icyicaro gikuru cya RPF/ RPA
- Kaniga – Ahakoreraga Radio Muhabura
- Ruhengeri Prison – Gereza yafungiwemo benshi mu gihe cy'urugamba



Abamugariye ku rugamba bongeye kwiyibutsa amateka y'ibihe bikomeye by'urugamba rwo kubohora u Rwanda

- CND i Kimihurura – Inyubako yabereyemo ibikorwa bya politiki byagejeje Igihugu ku ihagarikwa rya Jenoside n'intsinzi ya RPA.

- Kagitumba – Aho urugamba rwatangiriye
- Nyabwishongwezi – Aho Intwari Gen. Fred Gisa Rwigema yaguye
- Gabiro CTC – Ikigo cya mbere cya gisirikare cyafashwe na RPA
- Gikoba – Ahafashwe nk'ibirindiro bya mbere bya RPA
- Shonga – Ahatsindiwe ibirindiro bikomeye by'umwanzi bwa mbere
- Mulindi w'Intwari – Icyicaro gikuru cya RPF/ RPA
- Kaniga – Ahakoreraga Radio Muhabura
- Ruhengeri Prison – Gereza yafungiwemo benshi mu gihe cy'urugamba
- CND i Kimihurura – Inyubako yabereyemo ibikorwa bya politiki byagejeje Igihugu ku ihagarikwa rya Jenoside n'intsinzi ya RPA.

- Umusozi wa Namuhemure-Aho ingabo z'Inkotanyi zitorezaga
- Lyabega-Ahaguye abasirikari bakuru ba RPA
- Kabuga-Aho bakusanyirije imisanzu bwa mbere
- Nyagatare-Umugi wa mbere wafashwe
- Kaborogota-ahari icyicaro gikuru cya Batayo 157
- Karama-Ahatorezwaga abasirikari
- Muhambo -Icyicaro gikuru cya batayo ya 7
- Cyondo- Icyicaro gikuru cya Batayo B
- Rushaki-Aho Umugaba Mukuru wa RPA yatuye
- Mulindi-Icyicaro gikuru cya RPA/FPR
- Kaniga-Ahabaga Radio Muhabura
- Cyumba
- Rubaya-Ahabikwaga ibikoresho bya RPA/FPR
- Bwisige
- Bungwe-Aho Batayo ya Gatatu yahagurukiye
- Kivuye-Ahari itumanaho rya RPA

Aba bakomerekeye ku rugamba bavuga ko gusura ibi bice bibafasha gusigasira amateka no kuyasangiza urubyiruko kugira ngo ruzakomeze kubaka Igihugu rushingiye ku kuri, ubumwe n'ubutwari bwaranze urugamba rwo kubohora Igihugu.

# Madamu Jeannette Kagame yafunguye Inzu y'Amateka ya Jenoside ku Rwibutso rwa Ntarama




**Madamu Jeannette Kagame yafunguye Inzu y'Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi iri ku Rwibutso rwa Ntarama**

**SHEMA Ivan**

***Madamu Jeannette Kagame yafunguye ku mugaragaro Inzu y'Amateka y'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera. Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 30 Gicurasi 2026, aho cyabanjirijwe no gushyira Indabo ku mva ndetse no kunamira Abatutsi barenga 5 000 bazize Jenoside, bashyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Ntarama.***

Iyo nzu y'amateka yitezweho umusanzu uzafasha mu kubika, kubungabunga no kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kurinda ku buryo itazongera kubaho ukundi. Umuyobozi ushinzwe kwibuka no kurwanya Jenoside muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Ingabire Veneranda yavuze ko ari inzu irimo amateka y'ibyiciro 3.

Ati: "Ni inzu irimo amateka navuga ko ari mu bice bitatu, ni inzu igaragaza amateka y'igihe Abanyarwanda babanaga neza, ikagaragaza isenyuka ry'ubumwe bw'Abanyarwanda, ikagaragaza mu gihe cy'ubukoloni uko byagenze, muri Repubulika ya 1 n'iya 2.

Igice cya kabiri hatwereka uburyo Jenoside yateguwe cyane cyane mu gace k'u Bugesera n'uburyo yashyizwe mu bikorwa.

Igice cya gatatu kikatwereka uburyo Jenoside yahagaritswe n'ingabo zari iza RPA- Inkotanyi ndetse n'urugendo rwo kwiyubaka rw'umuryango nyarwanda."

Urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama rubaye urwa gatatu mu Gihugu rufite Inzu y'Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, nyuma y'urwa Kigali ku Gisozi n'urwa Murambi mu Karere ka Nyamagabe.

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yavuze ko hanatangiye gahunda yo kubaka Inzu z'Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ku nzibutso umunani zo ku rwego rw'Igihugu, haherewe ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyange.

# Inzu y'Amateka izafasha kuyabika, kuyabungabunga no kuvanamo amasomo - MINUBUMWE




**Inzu y'amateka yubatse ku rwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera**

**NYIRANEZA Judith**

***Inzu y'Amateka y'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera yafunguwe kuri uyu wa Gatandatu, izafasha kumenya amateka ya Jenoside, kuyabungabunga ndetse no kuvomamo amasomo.***

Iyo nzu yafunguwe na Madamu Jeannette Kagame, yitezweho umusanzu uzafasha mu kubika, kubungabunga no kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kurinda ko izongera kubaho ukundi.

Umuyobozi ushinzwe kwibuka no kurwanya Jenoside muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Ingabire Veneranda yagaragaje akamaro k'iyo nzu.

Ati: "Ni igikorwa duha agaciro cyane kuko kidufasha kubika amateka, kidufasha kugaragaza amateka ndetse no kuyabungabunga hagamijwe kwigisha, urubyiruko cyane cyane ariko n'abasura urwibutso by'umwihariko baba Abanyarwanda, baba abanyamahanga kugira ngo bakuremo amasomo.

Muri ayo mateka, bavomemo amasomo amateka akumira Jenoside ngo ntizongere kubaho ukundi haba mu Rwanda n'ahandi ku Isi."

Yongeyeho ati: "Urwibutso buriya ni ahantu habitse ibimenyetso by'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, harimo imibiri, ibikoresho abishwe muri Jenoside bari batunze, ndetse harimo n'ibikoresho byakoreshejwe n'abicanyi babica n'ibindi byose bari batunze, bitandukanye, ubonamo inkweto, amakayi y'abana, marete n'ibindi."

Ingabire yakomeje asobanura ko iyo Nzu y'Amateka iri ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama yashyizwemo ibimenyetso byo mu byiciro 3 kandi izafasha mu kuyabika mu nyandiko mu buryo bwizewe kumara igihe kirekire.

Ati: "Iyo tugeze ku cyiciro cy'amateka, ni ukugira ngo tubashe gushyira mu nyandiko, uko byagenze. Ese Jenoside yatangiye ite? Ese mbere ya Jenoside hari iki? Icyo tuba tugamije ni ukugira ngo ayo mateka abashe kubikwa igihe kinini gishoboka, abashe kwigisha kugira ngo tubashe kugira Isi y'amahoro."

# Abanyarwanda baba muri USA biyemeje guhangana n'abapfobya Jenoside

**IMVAHO NSHYA**

***Abanyarwanda baba muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) muri Leta ya Michigan bibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, biyemeza gushyigikira amahoro no kurwanya abayihakana n'abayipfobya. Uyu muhango wabereye mu mujyi wa Grand Rapids, ku wa 24 Gicurasi 2026, wahurije hamwe bamwe mu Banyarwanda n'inshuti z'u Rwanda n'Abayobozi mu nzego zitandukanye.***

Ambasaderi w'u Rwanda muri USA, Mathilde Mukantabana, yavuze ko icyo gikorwa gifite igisobanuro gikomeye ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi no ku Banyarwanda batuye muri Michigan. Amb. Mukantabana yagaragaje ko Isi yose yareberega igihe Jenoside yakorwaga ariko kuba uwo Mujyi wemeye kwibuka no gusubiza agaciro inzirakarengane zishwe mu 1994, ari ukwemera ukuri.

Yongeyeho ko kuba Umujyi wa Grand Rapids wemeza ko ku wa 7 Mata ari umunsi Mpuzamahanga wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bishimangira kugaragaza ukuri. Ati: "Gushyiraho tariki ya 7 Mata nk'Umunsi Mpuzamahanga wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, Umujyi wa Grand Rapids utanze ubutumwa bukomeye, si ubufatanye gusa ahubwo ni inshingano."



**Abanyarwanda b'i Michigan biyemeje guhangana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi**

Amb. Mukantabana yavuze ko kwemera kwibuka bifite igisobanuro cyihariye ku Banyarwanda batuye i Michigan, benshi muri bo bakaba baraburiye ababo muri Jenoside. Yongeyeho ko ubu bubakiye ubuzima bushya mu mahanga ariko bafite ibikomere n'inkovu z'amateka ariko bafite icyizere cyo kubaho. Umuyobozi w'uwo mujyi, David LaGrand, yavuze ko abawutuye bumva kandi bubaha ububabare bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kandi baha agaciro akamaro ko kwibuka.

Yagize ati: "Mu 1994, Abatutsi barenga miliyoni bishwe mu minsi 100 gusa, mu buryo bwateguwe, ni kimwe mu byaha bikomeye kandi bibabaje byabayeho mu kinyejana cya 20 no mu mateka y'Isi. Umujyi wa Grand Rapids wumva kandi uha agaciro uburibwe abarokotse bagize, ihungabana ry'imiryango ndetse n'imbaraga zashyizwe mu kubaka amahoro."

LaGrand yashimangiye ko bikwiye ko bakomeza kurwanya ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi n'abahembere urwango n'ivangura.

# Hasojwe imyitozo y'abahagarariye ibihugu bigize EAPCCO



**Minisitiri Dr. Biruta Vincent ashimira abitwaye neza kurusha abandi mu myitozo ya EAPCCO**



**Hasojwe imyitozo yo kurwanya iterabwoba, yahuzaga inzego z'umutekano zo mu bihugu bigize Umuryango wa EAPCCO n'ibindi bihugu byo ku mugabane w'Afurika**

**IMVAHO NSHYA**

***Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu Dr. Vincent Biruta, ku wa Kane tariki ya 28 Gicurasi, yasoje ku mugaragaro imyitozo yo kurwanya iterabwoba, yahuzaga inzego z'umutekano zo mu bihugu bigize Umuryango wa EAPCCO n'ibindi bihugu byo ku mugabane w'Afurika, yaberaga mu Kigo cy'Amahugurwa yo Kurwanya Iterabwoba (CTTC), i Mayange, mu Karere ka Bugesera.***

Ni imyitozo yakozwe ubwo hasozwaga amahugurwa akubiye mu byiciro bibiri, ari byo; icyiciro cy'abitabiriye amahugurwa y'ibikorwa byihariye byo gucunga umutekano yabaga ku nshuro ya 14, bo mu bihugu by'u Rwanda rwabakiriye, Repubulika ya Santrafurika, Liberia na Seychelles, n'icyiciro cy'abasoje amahugurwa ahuriweho yo kurwanya iterabwoba; yitabiriwe n'abakomoka mu bihugu by'u Rwanda, Repubulika ya Santrafurika, Kenya, Liberia, Seychelles, Tanzania na Uganda.

Minisitiri Dr. Biruta yavuze ko iyi myitozo igaragaza icyemezo gihuriweho cyo gushimangira umutekano binyuze mu mahugurwa y'umwuga, nk' ikimenyetso cy'igipimo cy'imyitwarire myiza n'ubushobozi byo ku rwego rwo hejuru bikenewe mu mikorere ya polisi igezweho.

Yagize ati: "Imyitozo ihuriweho isojwe uyu munsi, mu guhuriza hamwe abagize inzego z'ibihugu bitandukanye yarushijeho gushimangira ubufatanye, kungurana ubunararibonye no kwizerana hagati y'inzego zacu z'umutekano. Ingamba nk'izi zihuriweho ni ingenzi mu guhangana n'ibibazo by'umutekano byambukiranya imipaka bikomeje kwibasira akarere kacu no hanze yako."

Yakomeje agira ati: "Muri iki gihe umutekano wugarijwe n'urusobe rw'ibiwuhungabanya birimo iterabwoba, ibyaha byanbukiranya umupaka, ibyifashisha ikoranabuhanaga n'ibindi bisaba inzego z'umutekano zahuguwe neza kandi zikorera hamwe zifite ubushobozi bwo guhangana nabyo mu gihugu no hanze y'imipaka."

"Guverinoma y'u Rwanda izakomeza gushyira imbaraga mu mahugurwa hagamijwe kurushaho kubaka ubushobozi bwa Polisi y'u Rwanda. Twiyemeje kandi gukomeza ubufatanye bugamije umutekano w'akarere no ku rwego mpuzamahanga ufatwa nk'umusingi w'amahoro n'umutekano birambye."

Minisitiri Dr. Biruta yasabye abarangije amahugurwa, kuzashyira mu bikorwa ubumenyi bungutse kinyamwuga, barangwa n'imyitwarire myiza, kubaha amategeko ndetse n'amahame y'uburenganzira bwa muntu, ashimira n'abarimu ku bwitange n'ubunyamwuga bagaragaje mu gutanga amahugurwa no gushimangira ubushobozi buhuriweho.

Umuhuzabikorwa w'Ubunyamabanga bw'Umuryango wa EAPCCO akaba n'umuyobozi wa Polisi Mpuzamahanga (Interpol) mu Karere, Africa Sendahangarwa Apollo, mu ijambo rye yashimiye urwego rw'imyitozo yagaragajwe uyu munsi n'abitabiriye amahugurwa.

Yashimangiye ko ubufatanye bw'akarere buhamye bugira uruhare runini mu guhangana n'ibyaha byibasira akarere bityo ko hazakomeza kongerwa imyitozo ihuriweho ihoraho mu kurushaho guhangana nabyo no kongera urwego rw'ubwitabire bw'ibihugu mu rwego rwo kuyongerera imbaraga.

Umuyobozi w'Ikigo cy'amahugurwa yo kurwanya iterabwoba, Commissioner of Police (CP) William Kayitare mu ijambo rye, yavuze ko iyi myitozo ihuriweho n'inzego z'umutekano zo mu karere ari urubuga rw'ingenzi mu gushimangira ubufatanye, guhuza ibikorwa, kuzuzanya no gusangizanya ubumenyi n'ubunararibonye hagati y'izo nzego.

Yagaragaje kandi ko iyi myitozo yongera imbaraga z'ubushake bw'inzego zose mu gukemura ibibazo bivuka binyuze mu myiteguro n'ibikorwa bifatika bihuriweho, ashimira ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda ku nkunga n'inama budahwema guha ikigo bituma izi gahunda z'amahugurwa zibasha kugerwaho uko bikwiye, ashimira n'ibihugu byohereje abanyeshuri.

Imyitozo y'uyu munsi yateguwe muri gahunda yo gukomeza kwizihiza imyaka 25 y'urugendo rwa Polisi y'u Rwanda, ibirori byahujwe n'umuhango wo kwinjiza mu kazi ba ofisiye bato basoje amahugurwa ku munsi w'ejo, bahawe ipeti rya Assistant Inspector of Police (AIP) na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, wari umushyitsi mukuru.

Umuhango wo ku wa Kane wanitabiriwe n'abayobozi ba Polisi mu bihugu bitandukanye bari bitabiriye ibyo birori, waranzwe n'imyitozo itandukanye irimo; imyitozo yo kurwanya ibyaha bikorerwa mu mazi, imyitozo yo kumanukira ku migozi bava mu ndege, kunyura mu nzitizi, bagaragaza n'uburyo bwo guhangana n'ibitero by'iterabwoba ku butaka hifashishijwe imbunda n'imbaraga z'umubiri.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Rwanda – Isiraheli: Umubano w'ubufatanye bushingiye ku buhinzi, Ikoranabuhanga n'iterambere rusange

Mu gihe Isiraheli yizihiza isabukuru y'imyaka 78 y'ubwigenge (Yom HaAtzmout) nyuma yo gutangira kubaho nk'Igihugu, u Rwanda ruri mu bihugu bikomeje kwishimira umusaruro w'ubutwererane na yo kuva yatangira kwitwa Igihugu mu mwaka wa 1948.

Uwo mubano umaze imyaka myinshi, ariko mu myaka ya vuba warushijeho gukomera no kwaguka mu nzego zitandukanye zirimo ubuhinzi, ikoranabuhanga, uburezi, ubuzima n'umutekano.

Amateka agaragaza ko Isiraheli iri mu bihugu bya mbere byemeye ubwigenge bw'u Rwanda mu 1962. Nubwo umubano wahagaze mu 1973 kubera impamvu za politiki mpuzamahanga y'icyo gihe, wongeye gusubukurwa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ibihugu byombi bitangira urugendo rushya rw'ubufatanye rufite intego yo guteza imbere abaturage babyo.

Kimwe mu byo u Rwanda rwungukira muri ubu bufatanye ni ubumenyi bwa Isiraheli mu buhinzi bugezweho. Isiraheli izwi ku rwego rw'Isi mu gukoresha ikoranabuhanga mu kuhira imyaka no kongera umusaruro ku butaka buto.

Ubwo bumenyi bwafashije u Rwanda gukora impinduka zigaragara mu buhinzi bwa kijyambere binyuze mu mishinga ikomeye nka "Gabiro Agribusiness Hub", aho rwafatanyije n'Ikigo cyo muri Isiraheli cyitwa Netafim mu guhindura hegitari zisaga 15 000 icyanya cyihariye mu guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

U Rwanda rwungukira byinshi mu ikoranabuhanga rigezweho ryo kuhira ndetse no gukorera ku butaka bwibasiwe n'amapfa, ubudahagije, gukora ubuhinzi mu mazi (Hydroponics) n'ahandi hose habyara umusaruro.

Binyuze mu mishinga ihuriweho n'ibihugu byombi, hashinzwe n'Ikigo cy'Indashyikirwa mu Buhinzi bw'Imboga n'Imbuto cyashinzwe ku bufatanye bw'impande zombi gikorera ku Mulindi. Abanyarwanda benshi bagiye bunguka ubumenyi bufasha kongera umusaruro no guhanga udushya mu buhinzi.

Mu rwego rw'ikoranabuhanga n'udushya, Isiraheli izwi nk'igihugu cy'ibisubizo bishingiye ku guhanga udushya, bityo n'u Rwanda rwihaye intego yo kuba igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi ari na ho ruhera ruhaha ubumenyi, by'umwihariko mu buhinzi bufatiye runini ahazaza harwo.

Muri rusange, umubano w'u Rwanda na Isiraheli ukomeje kuba kimwe mu byitegererezo by'ubufatanye bwubakiye ku nyungu rusange, guhanahana ubumenyi ndetse no gushakira hamwe ibisubizo by'ibibazo byugarije abaturage.

**Ubwanditsi**

# U Rwanda na Isiraheli bisangiye kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa-Amb Weiss

**ZIGAMA Theoneste**

***Ambasaderi wa Isiraheli mu Rwanda, Einat Weiss, yavuze ko u Rwanda n'igihugu cye bihuje amateka akomeye yatumye abaturage babyo basobanukirwa agaciro k'ubumwe, ukwihangana no kudaheranwa n'amateka mabi byanyuzemo.***

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku Kane tariki ya 28 Gicurasi 2026, mu birori byo kwizihiza imyaka 78 ishize Leta ya Isiraheli ishinzwe, byabereye i Kigali, aho byahuje abayobozi barimo Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb.Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abayobozi bo mu nzego z'umutekano ndetse n'abahagarariye amadini n'amatorera ndetse n'abikorera.

Vashem, urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abayawudi, Danny Dayan mu Rwanda, mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rwashimangiye ubushake ibihugu byombi bifitanye bwo gukomeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, n'ivangura ryibasira abayawudi n'ubundi bwoko bwose bw'urwango.

Ati: "Uku gusobanukirwa dusangiye gutuma habaho umubano wihariye hagati y'Abayisiraheli n'Abanyarwanda. Mu ntangiriro z'uyu mwaka, u Rwanda rwibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi muri icyo gihe cy'icyunamo, nubwo muri Isiraheli hari intambara, twagize icyubahiro cyo kwakira Perezida wa Yad Vashem, Ambasaderi Danny Dayan, wageze hano.

Byamutwaye iminsi itatu kugira ngo abashe kuza hano, ariko ntiyagucunga amazi no guteza imbere ubuhinzi bukomeje kugira uruhare mu rugendo rw'u Rwanda rwo kugera ku kwihaza mu biribwa no kongera umusaruro.

Uwo muyobozi yagaragaje kandi ko Isiraheli ikomeje gushora imari mu rubyiruko rw'u Rwanda binyuze muri gahunda z'amahugurwa, kungurana ubumenyi no guteza imbere ikoranabuhanga.

Mu rwego rwo gushimangira ubucuti hagati y'ibihugu byombi, Ambasade ya Isiraheli mu Rwanda yanatangaje ko yashyigikiye ibikorwa birimo kubaka icyanya cy'imyidagaduro cyahariwe abana giherereye Busanza mu Karere ka Kicukiro, mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Uko Isiraheli yabaye igihugu



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu Rwanda, Amb Olivier Jean Patrick Nduhungirehe yifatanyije na Ambasade ya Isiraheli mu Rwanda kwizihiza isabukuru y'imyaka 78 ishize icyo gihugu gishinzwe**

Ambasaderi Weiss yavuze ko nubwo u Rwanda na Isiraheli bidasangiye akarere biherereyemo, bifitanye isano ikomeye ishingiye ku mateka y'abaturage banyuzemo y'ububabare, ukwihangana no kongera kwiyubaka, dore ko ibihugu byombi bifite abaturage bakorewe Jenoside.

Yagize ati: "Isiraheli n'u Rwanda ni ibihugu bifitanye isano ikomeye mu mateka, n'umutima wo kwihangana. Abaturage b'ibihugu byombi basobanukiwe neza ingaruka zibabaje z'urwango, ubukana na Jenoside."

Yakomeje avuga ko ibihugu byombi byahuye n'ibibazo bikomeye byashoboraga kubisenya burundu, ariko bikabasha kongera kubyutsa icyizere cyo kubaho no kubaka sosiyete zishingiye ku bumwe, agaciro ka muntu n'iterambere rishingiye ku guhanga udushya.

Ambasaderi Weiss yashimangiye ko uruzinduko rw'umuyobozi wa Yad citse intege; yahisemo gukomeza urugendo. Kuba yaraje byongeye gushimangira ubushake dusangiye bwo kwibuka amateka, kwigisha, no kurwanya Jenoside ku rwego rw'Isi, ihakana rya Jenoside, anti-semitism (urwango rwibasira Abayahudi), ndetse n'ubundi bwoko bwose bw'urwango."

Yavuze ko amateka yigisha ko guceceka ukanga kwamagana urwango n'ubugizi bwa nabi atari amahitamo meza, ashimangira ko Isiraheli ikomeje guhangana n'ibibazo by'umutekano ariko igakomeza gushimangira amahoro, iterambere n'ubufatanye n'ibindi bihugu.

Ambasaderi Weiss yashimangiye ko umubano mwiza hagati y'u Rwanda na Isiraheliukomeje gukomera binyuze mu bufatanye mu nzego zirimo ubuhinzi, ikoranabuhanga, ubuzima, uburezi n'ishoramari.

Yavuze ko ubunararibonye bwa Isiraheli mu bijyanye no kuhira imyaka, Leta ya Isiraheri yashinzwe nk'igihugu nyuma y'Intambara ya Kabiri y'Isi na Jenoside yakorewe Abayahudi izwi nka Holocaust. Ku itariki ya 14 Gicurasi 1948, David Ben-Gurion yatangaje ko hashinzwe Leta ya Isiraheli nyuma y'icyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye cyo kugabanya agace ka Palestine hakabamo igihugu cy'Abayahudi n'icy'Abarabu.

Kuva icyo kugeza ubu Isiraheli arwanyijwe n'ibihugu byinshi by'Abarabu byari biyikikije, ariko iza kubasha kwihagararaho no kubaka igihugu gikomeye mu nzego zirimo ikoranabuhanga, ubuhinzi, ubuvuzi n'umutekano. Uyu munsi Isiraheli ifatwa nka kimwe mu bihugu bifite ubukungu n'ikoranabuhanga bikomeye ku Isi, ndetse ikaba ifitanye umubano ushingiye kuri dipolomasi n'ibihugu byinshi birimo n'u Rwanda,kandi ukaba ukomeje kwaguka umunsi ku wundi.

# Minisitiri Dr. Bizimana yeretse urubyiruko umuzi w'ingengabitekerezo ya Jenoside




**Dr. Bizimana Jean Damascène, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE)**

**KAYITARE Jean Paul**

***Dr. Bizimana Jean Damascène, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), yagaragarije urubyiruko umuzi w'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yavuze uburyo Jenoside ishoboka ndetse n'iby'ingenzi byaranze itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Minisitiri Dr. Bizimana yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki 30 Gicurasi 2026, mu Ihuriro ry'Urubyiruko 'Igihango cy'Urungano' ryitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame, inzego zitandukanye ndetse n'urubyiruko rurenga 2 000 rwaturutse mu Turere dutandukanye.

Asobanura ko ingengabitekerezo ya Jenoside ihera ku kubaka buri igihe imitekerereze n'imyumvire yumvisha itsinda ry'abantu bamwe ko irindi tsinda ribangamiye imibereho yaryo, hagashingwa igice cy'abicwa n'igice cy'abagenewe kwica, iyi akaba ari yo yitwa Ingengabitekerezo ya Jenoside. Ashimangira ko kwica, biza bikurikiye ingengabitekerezo ari yo bishingiyeho.

Mu kiganiro yatanze, yagize ati: "Mu Rwanda, guhera mu mwaka wa 1957 hatangijwe polilitiki y'urwango rwibasiye Abatutsi, hahimbwa ingengabitekerezo ihakana ubunyarwanda bw'Abatutsi, ko Abatutsi baje mu Rwanda ari abanyamahanga kandi ari banyamuke bakandamiza Abahutu ari bo ba nyamwinshi bakaba ari na bo banyarwanda nyakuri."

Yakomeje agira ati: "Hashingiwe kuri iyi myumvire, higishijwe ko Abatutsi ari abagome ko Abahutu bagomba gukanguka bakishyira hamwe bakigaranzura Abatutsi bagasubirana igihugu cyabo."

Ubu buryo bwo gufata Abatutsi bose bakamburwa ubunyarwanda, bagahimbirwa icyaha cyo kuba baragiriye nabi Abahutu, Abahutu bakigishwa ko igihugu ari icyabo bonyine, ko bagomba gukora ibishoboka byose bakakivanamo Abatutsi. Minisitiri Dr. Bizimana avuga ko ari yo nkomoko ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana, agaragaza ingero zimwe na zimwe zifasha urubyiruko kumva ububi bw'iyo ngengabitekerezo yakwijwe mu Banyarwanda.

Tariki 25 Nzeri 1959 Kayibanda n'itsinda ry'abo bari bafatanyije bagera ku icyenda, bashinze ishyaka bise 'Ishyaka ry'Iterambere ry'Abahutu' mu gifaransa ryitwa PARMEHUTU.

Iri shyaka ryari ryubakiye kuri politike isenya ubumwe bw'Abanyarwanda bari bafitanye mu myaka yarengaga 850 u Rwanda rubayeho, ruyoborwa n'Umwami wari umuhuza w'Abanyarwanda bose.

Intego y'iryo shyaka ry'iterambere ry'Abahutu ryihaye, yagiraga iti 'Ishyaka ryacu rirareba inyungu z'Abahutu, barakandamijwe, barasuzuguwe, barapyinagajwe na Gatutsi w'Umunyamahanga. Tugomba kuba urumuri rwa Rubanda nyamwinshi, tugomba gusubiza igihugu bene cyo, igihugu ni icy'Abahutu.'

Minisitiri Dr. Bizimana avuga ko ibi byose bikubiye mu ngengabitekerezo y'irondabwoko, aho bigaragaza ko igihugu ari icya bamwe abandi atari icyabo.

Ntibyahamye mu ntego gusa ahubwo byagiye mu murongo wose wa Politiki, aho ku itariki 27 Ugushyingo 1959 PARMEHUTU imaze amezi abiri ishinzwe, Perezida Kayibanda yagiye kugeza ijambo ku bayoboke baryo bari bateraniye mu nama.

Icyo gihe bari mu nama, Kayibanda Grégoire yabwiye abitabiriye inama amagambo arimo ingengabitekerezo yashenye u Rwanda.

Icyo gihe yagize ati: "U Rwanda ni igihugu kimwe kirimo bibiri, abatuye iki gihugu nta cyo bahuriyeho, ntibahuje imico, ababituye bameze nk'abava ahantu hatandukanye cyangwa abaturage b'imigabane itandukanye, igihugu n'ibikirimo ni iby'Abahutu kuko ari bo banyarwanda nyakuri."

Iyi ngengabitekerezo yanashyizwe mu mirongo migari ya Politiki ya PARMEHUTU, byari intego ariko binigishwa abayoboke bose.

Igihango cy'Urungano 2026 cyabaye ku wa Gatandatu tariki 30 Gicurasi, muri Intare Conference Arena, ni kimwe mu bikorwa by'ingenzi byo kwibuka urubyiruko rwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri huriro ni umwanya washyiriweho kwibuka no kunamira urubyiruko rwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gusobanurira urubyiruko amateka y'u Rwanda mbere y'ubukoloni, mu gihe cy'ubukoloni no muri Repuburika ya Mbere n'iya Kabiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuganira ku ngaruka Jenoside yakorewe Abatutsi yagize ku rubyiruko n'inzira yo gukira ibikomere, kuganira ku ruhare rw'urubyiruko mu gukumira no kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kugaragaza igihango urubyiruko rufitanye cy'ubumwe, gusigasira amateka, kurinda ibyagezweho, guhanga ibishya mu kubaka u Rwanda rwifuzwa no gusura inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse no gushishikariza urubyiruko gufata ingamba zo kurwanya Jenoside aho ariho hose ku Isi.

'Igihango cy'Urungano' ni igikorwa ngarukwamwaka gitegurwa na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, ifatanyije na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Umuryango Imbuto Foundation, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ndetse n'abandi bafatanyabikorwa.

# Minisitiri Nduhungirehe yerekanye uruhare rwa Isiraheli mu iterambere ry'u Rwanda

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick, yagaragaje uruhare rukomeye Leta ya Isiraheli imaze kugira mu rugendo rw'iterambere ry'u Rwanda, by'umwihariko mu nzego z'ubuhinzi, ikoranabuhanga, uburezi n'ishoramari.***

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Kane tariki ya 28 Gicurasi 2026, mu birori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 78 Leta ya Isiraheli imaze ishinzwe, aho yavuze ko umubano hagati y'ibihugu byombi ushingiye ku bwubahane, indangagaciro zihuriweho ndetse n'amateka y'ibihugu byombi yaranzwe no kwiyubaka nyuma y'ibihe bikomeye.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko Isiraheli yabaye icyitegererezo ku Isi mu guhanga udushya no guhindura ibibazo amahirwe y'iterambere agaragaza ko ibyo byagize uruhare mu guteza imbere ubufatanye n'u Rwanda.

Yagize ati: "Uyu mugoroba kandi turizihiza ubucuti burambye hagati y'u Rwanda na Isiraheli. Umubano wacu wubakiye ku bwubahane, indangagaciro dusangiye ndetse n'amateka ahuriye ku gutsinda ibihe bikomeye n'amakuba."

Amb Nduhungirehe yashimangiye ko ubuhinzi ari rumwe mu nzego zagezemo umusaruro ufatika binyuze muri ubu bufatanye, agaragaza imishinga irimo Ikigo cy'Icyitegererezo cy'Ubuhinzi bw'imboga n'imbuto cya Rwanda-Israel kiri ku Murindi, gifasha mu mahugurwa no guteza imbere uburyo bugezweho bw'ubuhinzi.

Yanagarutse ku mushinga wa Gabiro Agribusiness Hub, witezweho guteza imbere ubuhinzi bugezweho ku buso bwa hegitari zirenga ibihumbi 15 mu Ntara y'Iburasirazuba.

Ati: "Uyu mushinga utegerejweho kongera umutekano mu biribwa, gutanga imirimo no kwagura ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi."

Mu rwego rw'umutekano, Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda na Isiraheli bikomeje gufatanya mu kongerera ubushobozi inzego z'umutekano binyuze mu mahugurwa n'ubufatanye bugamije kubungabunga amahoro n'umutekano ku rwego rw'akarere n'Isi.




**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Olivier Jean Patrick yashimiye Isiraheli ko idahwema kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda**

Yagaragaje kandi ko ibigo byo muri Isiraheli bikomeje gushora imari no kuzana ikoranabuhanga mu nzego zirimo ingufu, ikoranabuhanga n'ibikorwa remezo, mu gihe n'abashoramari bo mu Rwanda bakomeje gushaka amasoko n'ubumenyi muri icyo gihugu.

Minisitiri Nduhungirehe yashimye kandi uruhare rwa MASHAF, ikigo cya Isiraheli gishinzwe ubutwererane mpuzamahanga mu iterambere, cyafashije Abanyarwanda benshi kubona amahugurwa n'ubumenyi mu nzego zitandukanye.

Yavuze ko ubu bufatanye bwagize uruhare mu kongerera ubushobozi urubyiruko rw'Abanyarwanda ndetse no gukomeza kubaka umubano hagati y'abaturage b'ibihugu byombi.

Minisitiri Nduhungirehe yongeye gushimira Isiraheli kuri iyi sabukuru y'imyaka 78 imaza ishinzwe, anagaragaza ko u Rwanda rwiteguye gukomeza gukorana na yo mu gushaka ibisubizo by'ibibazo bireba abaturage b'ibihugu byombi ndetse n'Isi muri rusange.

Ati: "Turifuza ko ubushuti hagati y'u Rwanda na Isiraheli bukomeza gutera imbere ku nyungu z'abaturage b'ibihugu byombi ndetse n'abazadukomokaho."

# Mufti Sindayigaya yijeje Abayisilamu ko ikibazo cya Adhana mu gitondo kiri hafi gukemuka



**Mufti w'u Rwanda yijeje ko ikibazo cya Adhana mu gitondo kigiye kubonerwa umuti**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mufti w'u Rwanda, Sheikh Sindayigaya Musa, yijeje Abayisilamu ko ikibazo cy'itorwa rya Adhana nk'isengesho rya mugitondo hifashishijwe indangururamajwi byahagaritswe, kiri gukurikiranwa, ndetse ko hari icyizere cy'uko kizabonerwa umuti mu gihe cya vuba. Iki kibazo cyongeye kuvugwa cyane ku wa 25 Werurwe 2026, ubwo Abayisilamu bo mu Rwanda bahuraga na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame mu birori byo gusangira Eid Al Fitri.***

Muri uwo muhango, Umuyisilamukazi witwa Musabe Filsan yasabye Perezida Kagame ko yabafasha Adhana yo mu gitondo ikongera kumvikana hifashishijwe indangururamajwi. Mu gusubiza icyo kibazo, Perezida Kagame yavuze ko kigomba gukurikiranwa n'inzego bireba. Yagize ati: "Ibyo biroroshye kubigenzura, abari mu nzego z'ibanze icyo kibazo muze kucyigaho murebe ikibazo ni iki? Mutinya ababakangura mu gitondo, ni iki? Ubundi ariya masaha ni yo yo gukanguka."

Nyuma y'amezi hafi atatu icyo kifuzo gitanzwe, bamwe mu Bayisilamu batangiye kwibaza aho icyo kibazo kigeze n'icyaba cyarakurikiranywe. Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru kuri uyu wa Gatatu tariki 27 Gicurasi 2026, mu muhango wo kwizihiza Eid Al Adhuha, Mufti w'u Rwanda Sheikh Sindayigaya Musa yavuze ko ibiganiro bikomeje kandi ko hari intambwe imaze guterwa.


Yasobanuye ko Adhana enye z'amasengesho yo ku manywa zisanzwe zitambutswa hakoreshejwe indangururamajwi, mu gihe iy'isengesho rya mu gitondo yo ikorwa ariko ntihifashishwe indangururamajwi. Yagize ati: "Mu by'ukuri dukora amasengesho atanu ku munsi. Amasengesho yo ku manywa yose Adhana iratorwa hakoreshejwe indangururamajwi, n'iya mu gitondo iratorwa ariko ntihakoreshwa indangururamajwi, ari na cyo twasabye."

Yakomeje avuga ko icyo kibazo kiri hafi gukemuka, kuko bakomeje kuganira n'inzego za Leta zibishinzwe. Ati: "Twarabikurikiranye, maze kuvugana inshuro zitari imwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, na we wari uhari. Barabimuhaye ngo abikurikirane. Turimo gukorana, turavugana kandi yambwiye ko twihangana, barimo kureba inzira byakorwamo. Turimo gukora ibisabwa kandi na we arimo kubikurikirana."

Adhana ni umuhamagaro uhamagarira Abayisilamu kujya gukora isengesho, ukorwa mu rwego rwo kubamenyesha ko igihe cy'isengesho kigeze. Mu Rwanda, Adhana ya mu gitondo ikunze gukorwa saa kumi n'iminota 50 zo mu rukerera.

Hashize imyaka igera kuri ine uwo muhamagaro wo mu gitondo udakorwa hifashishijwe indangururamajwi, ari na yo mpamvu Abayisilamu basaba kongera kwemererwa gutambutswa muri ubwo buryo bukuresha indangururamajwi.

# RDB yamaze impungenge abasura u Rwanda ko nta Ebola ihari



Ba mukerarugendo bakomeza gusura ibyiza bitatse u Rwanda nta kibazo, kuko nta ebola ihari

**ZIGAMA Theoneste**

***Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB), rwatangaje ko ibikorwa byose by'ubukerarugendo no gusura u Rwanda bikomeje gukorwa nk'ibisanzwe, rushimangira ko nta bwandu bwa Ebola buri mu gihugu ndetse ko hashyizweho ingamba zihamye zo kurinda ubuzima bw'abaturage, abanyamahanga baba mu Rwanda ndetse n'ibisabantu birimo ingagi, inkende n'izindi nyamaswa.***

Ibi bikubiye mu itangazo RDB yashyize ku mbuga nkoranyambaga zayo, rikurikira amabwiriza mashya ya Minisiteri y'Ubuzima agamije gukaza ingamba zo gukumira icyorezo cya Ebola, mu gihe hari ibihugu byo mu Karere u Rwanda ruherereyemo bikomeje kugaragaramo ubwiyongere bw'iyi ndwara.

RDB yavuze ko ubukerarugendo, inama mpuzamahanga, ibikorwa by'ubucuruzi, ibitaramo n'ingendo imbere mu Gihugu bikomeje nta nkomyi, inashishikariza abasura u Rwanda gukomeza gahunda zabo bizeye umutekano usesuye.

Mu itangazo ryayo, RDB yagize iti: "Mu Rwanda nta bwandu bwa Ebola buhari, kandi hashyizweho ingamba zikomeye zo kurinda ubuzima bw'abaturage, abashyitsi, ababa mu gihugu ndetse n'ibisabantu."

Mu rwego rwo gukaza ubwirinzi, Minisiteri y'Ubuzima yashyizeho igenzura rikomeye ku mipaka yose yinjira mu Gihugu no ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali.

Hashyizweho amabwiriza abuza kwinjira mu Rwanda abanyamahanga bose bageze cyangwa banyuze muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu minsi 30 mbere yo kurwinjiramo.

Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga bafite ibyangombwa byemewe byo gutura mu Rwanda bo bazakomeza kwemererwa kwinjira, ariko abavuye cyangwa banyuze muri DRC muri iyo minsi 30, bo bazajya bashyirwa mu kato hakurikijwe amabwiriza y'ubuzima rusange.

RDB yavuze ko ibikorwa byose by'ubukerarugendo birimo gusura Pariki z'Igihugu, amahoteli, ibikorwa by'inama mpuzamahanga n'ibindi bikomeje gukora bisanzwe hubahirizwa amabwiriza y'ubuzima n'umutekano.

Yanagaragaje ko u Rwanda rufite uburyo buhamye bwo gukurikirana no gukumira indwara z'ibyorezo, harimo gutahura hakiri kare abanduye, gutabara byihuse no gukaza isuku ahantu hahurira abantu benshi.

Guverinoma y'u Rwanda kandi ikomeje gukorana bya hafi n'inzego z'ubuzima zo mu Karere ndetse n'iz'ibindi bihugu mu rwego rwo gukomeza kurinda abaturage n'abashyitsi bose basura Igihugu.

# Col. Lausanne Ingabire yasoje amasomo ya gisirikare muri Kenya

**IMVAHO NSHYA**

***Lausanne Ingabire, umwe waje mu bofisiye barindwi b'abagore bazamuwe mu ntera bagahabwa ipeti rya Colonel guhera mu kwezi k'Ukuboza 2023, yasoje amasomo ahabwa ba Ofisiye Bakuru muri Koleji y'Igihugu ya Gisirikare muri Kenya (NDC-Kenya). Col. Ingabire ni umwe muri ba Ofisiye 71 basoje ayo masomo baturutse muri Kenya no mu bindi bihugu icyenda birimo n'u Rwanda nyuma y'umwaka wose bafata amasomo y'ubuyobozi bwa gisirikare yagenewe Abofisiye Bakuru.***

Ibirori byo gusoza amasomo byabaye ku wa Kabiri tariki ya 26 Gicurasi 2026, mu muhango wayobowe n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ingabo, Soipan Tuya. Ibyo birori byanitabiriwe na Gen. Charles Kahariri, Umugaba w'Ingabo za Kenya, kimwe n'abandi bayobozi bakuru muri Guverinoma ya Kenya ndetse n'Abofisiye Bakuru mu Ngabo z'icyo Gihugu.

Ku wa Gatatu, Ambasaderi w'u Rwanda muri Kenya Ernest Rwamucyo, yishimanye na Col. Lausanne Ingabire, Umusirikare mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) wasoje amasomo muri Koleji y'Igihugu ya Gisirikare muri Kenya, amwifuriza kwishyuka.

Amb. Rwamucyo yavuze ko Col. Lausanne Ingabire umunyempano, amushimira ko yageneye impano y'agahebuzo Koleji ya Gisirikare ya Kenya yamwigishije, yiteguriye n'amabokoye mu minsi mike mbere yo gusoza ayo masomo.

Yasoje ashimira ubutwererane buzira amakemwa burangwa hagati y'Ingabo z'u Rwanda n'Ingabo za Kenya. Col. Ingabire afite ubunararibonye mu buyobozi bwa gisirikare kuko yanakoze amasomo agenerwa ba Ofisiye muri Kaminuza ya Gisirikare ya Cyami yo mu Bubiligi mu mwaka wa 2011.

Kuva cyo gihe yakoze imirimo itandukanye ku Birindiro Bikuru by'Ingabo z'u Rwanda, akora mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako ndetse no mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya RDF riherereye i Nyakinama mu Karere ka Musanze.

Col. Ingabire wayoboye Ishami rya RDF rishinzwe Ubutwererane bwa Gisirikare n'Abasivili (J9), yanasoje amasomo mu Ishuri Rikuru ry'Abayobozi b'Ingabo za Leta Zunze Ubumwe za Amerika (US Army Command and General Staff College) riherereye ahitwa Fort Leavenworth.

Uyu mubyeyi ari no mu boherejwe mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Repubulika ya Santarafurika, akaba akenshi ayobora amatsinda mu butumwa mpuzamahanga nk'urugendoshuri rw'abofisiye ba RDF rwabereye mu nzego za gisirikare muri Sri Lanka.




Col. Lausanne Ingabire yakiriwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Kenya Ernest Rwamucyo

# Abahinzi bagaragaza ibyiza by'ubuhinzi bubungabunga ubutaka



Gahunda yo guhinga habungabungwa ubutaka, ituma imyaka yera neza bigatanga umusaruro mwiza

**NYIRANEZA Judith**

***Bamwe mu bahinzi bavuga ko ubuhinzi bubungabunga ubutaka ari uburyo bugezweho bwo guhinga umuhinzi atangije imiterere kamere y'ubutaka n'ibinyabuzima biri mu butaka, bukaba bubungura kuko busaba gukoresha abakozi bake, ntibwangiza ubutaka n'ibidukikije muri rusange, burwanya isuri, burinda utunyabuzima duto two mu butaka, bukabika ubuhehere bw'ubutaka.***

Bagaruka ku buryo bwiza n'inyungu bakura mu gukora ubuhinzi bubungabunga ubutaka, kuko bukorwa mu gihe gito kandi amafaranga yasohokaga ku bahinzi benshi akagabanyuka, ubutaka ntibutwarwe n'isuri.

Uwimana Cosolee wo mu Murenge wa Rwaza, Akagali ka Musezero mu Karere ka Musanze yavuze ko iyo barangije gusarura, ibigorigori babiryamisha mu murima ubundi bagategura ubutaka, baharura. Yagize ati: "Uburyo bwo guhinga tubungabunga ubutaka, ntiturima ahubwo turaharura, bikihuta kandi bigasaba abakozi bake. Ni inyungu cyane kuko ntaho bihuriye no gutabira kimwe no kurima."

Nsengiyumva Kizito wo mu Kagari ka Kabushinge, Rwaza, uhinga mu gishanga cya Mukinga, asobanura ko iyo basaruye nk'ibigori batabirimbura ahubwo babitema bakabirambika mu murima.

Ati: "Ubu tugiye kwinjiramo, tubitemere tubiryamishe hasi ku itaka, dukurikizeho guharura tutarima ubutaka, turaharura. Twaboneye ahantu hato babikoresheje tubona ni byiza. Kubiryamishamo birwanya isuri kandi n'iyo biri kuboreramo bibyara ifumbire, birinda kumagara k'ubutaka."

Nkotanyi Appollinaire we yavuze ko guhinga habungabungwa ubutaka bigabanya igishoro. Ati: "Singikora intabire hari itandukaniro kuko byagabanyije igishoro twakoreshaga barima kandi n'umubare w'abahinzi waragabanyutse.

Mfite umurima wa Ari 11, nahingishaga abahinzi 12 mu guharura nakoresheje abahinzi 5, umuhinzi ni 2000 Frw, ubwo mbere nishyuraga 24 000 Fr, none ubu nkora ubuhinzi bubungabunga ibidukikije, mparura nkoresha 10 000Frw."

Yongeraho ko kurima bituma ubutaka butwarwa n'isuri. Ati: "Abakirima ntibaramenya ibyiza byo guhinga baharura naho buriya kurima biteza isuri. Iyo ubutaka bubibye cyangwa butabiye, ubutaka bururoha, isuri irabutwara ariko uwaharuye ubutaka buba bukomeye."

Umuyobozi wungirije w'Ishuri ryigisha Ubuhinzi Bubungabunga Ubutaka, ushinzwe ubushakashatsi n'iyamamaza buhinzi- bworozi, Dr Ndambe Nzaramba Magnifique yashimangiye ibyo abo bahinsi bakesha ubuhinzi bubungabunga ubutaka.

Ati: "Ubuhinzi bubungabunga ubutaka bugamije kurumbura ubutaka iyo bwagundutse cyangwa ubukiri bwiza nk'ubw'umushike ukabubungabunga ngo budatakaza umwimerere wabwo, kuko ubutaka bufite ibinyabuzima birimo inshuti z'abahinzi, imyungungugu bikenerwa ngo tubone umusaruro mwiza, tububyaze umusaruro ngo n'abadukomokabo nabo bazabone ibibatunga."

Dr. Ndambe yasobanuye ko hari ibyitabwaho mu gukora ubuhinzi bubungabunga ibidukikije. Ati: "Hitabwa ku bintu by'ingenzi mu kubungabunga ubutaka bukarindwa isuri, hakirindwa no kubwumisha.

hanyuma bagacukura utwobo tutarengeje cm 5, ari ibinyamisogwe n'ibinyampeke hafi ya byose kuko kubishyira kure (kubitaba) kugira ngo urubuto rumere rugomba guhura n'ubutaka kandi rukabona amazi."

Akomeza asobanura ko atari byiza kurima ubutaka kuko bituma izuba ryinjiramo cyane bukumagara, bukanatwarwa n'isuri ku buryo bworoshye, ndetse n'ibigize umwimerere w'ubutaka bikononekara.

Yagize ati: "Uzarebe ubutaka bwarimwe iyo imvura iguye burabanza bukabumbira, ariko ahatarimye aho imizi iri ikaboreramo isiga akanya k'inzira y'amazi, hari ibyatsi bishibuka, uruteja n'urwiri ariko iyo ubiharuye ukabishyira hejuru y'ubutaka ntibyongera kumera nk'inyabarasanya



Umuyobozi wungirije w'Ishuri ryigisha Ubuhinzi Bubungabunga Ubutaka, ushinzwe ubushakashatsi n'iyamamaza buhinzi- bworozi, Dr Ndambe Nzaramba Magnifique

Icya 2 ni ukugira ngo bugumane wa mwimerere ni ukuvuga imyunyungugu, inshuti z'abahinzi, uburyo ubutaka buteye ntibubumbire kuko biba ikibazo ku mizi y'ibihingwa biba byahatewe, ntibuhumeke, amazi ntiyinjiremo."

Yakomeje asobanura ko abahinzi bagirwa inama yuko ubutaka bwo gutera cyane cyane ibinyamisogwe n'ibinyampeke bugomba gutegurwa buharurwa kandi imvura yatangira kugwa imbuto ntiziterwe kure, hagacukurwa utwobo tutarenza Santimetero 5.

Ati: "Tubagira inama yo guharura kuko burya hamera umurama wayo.

Uko uhinga urwiri uba urutaba, noneho rujya ikuzimu kurusha ahatarimwa kuko ubusanzwe rukura rujya hejuru, ruba rukeneye amazi, aharimagurwa rumanuka rushakisha amazi. nta mpamvu yo kujya ikuzimu kuko ibikenewe biba biri hejuru."

Abahinzi bagirwa inama yo guhinga babungabunga ubutaka, bakirinda kuburimagura, bagatera neza imbuto, bagasasira kandi bagasimburanya neza ibihingwa mu murima.



Gusasira imyaka by'umwihariko hakorwa ubuhinzi bubungabunga ubutaka bituma ubutaka bubika amazi

# Abaganga b'Abanyarwanda 128 bagiye gukarishya ubumenyi muri Ethiopia

IMVAHO NSHYA

***Abanyarwanda 128 bakora ubuvuzi bakomeje amahugurwa yihariye mu Gihugu cya Ethiopia bari kumwe n'abandi bagenzi babo barenga 400 baturutse mu bihugu bitandukanye byo muri Afurika. Abo bakiriwe na Minisitiri w'Intebe wa Ethiopia Abiy Ahmed, mu musangiro wabaye ku mugoroba wo ku wa 24 Gicurasi 2026, aho abo baganga bari baherekejwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu Charles Karamba.***



Minisitiri w'Intebe wa Ethiopia yakiriye Abaganga b'Abanyarwanda 128

Abo baganga muri Ethiopia basuye ibigo nderabuzima n'imishinga ikomeye y'iterambere hirya no hino muri Addis Ababa aho byababafashije kurushaho gusobanukirwa uburyo urwego rw'ubuzima rwa Ethiopia rukora, impinduka mu iterambere ry'umujyi n'uruhare rw'abaturage mu bikorwa by'iterambere.

Minisitiri w'Intebe, Abiy Ahmed yavuze ko abagize umuryago w'abaganga b'Abanyafurika biyemeje kunguka ubunararibonye, ahazaza ubuvuzi bwa Afurika bukeneye, bikabafasha kugira uruhare mu guhindura ikiragano gishya cy'ubuyobozi bw'urwego rw'ubuzima muri Afurika. Yagize ati: "Binyuze mu gusangira ubumenyi n'icyerekezo, dukomeje kubaka Afurika ifite ubuzima buzira umuze dufatanyije."

Nyuma y'iyo gahunda Ambasaderi Karamba n'itsinda rye baganiriye na Minisitiri w'Intebe, Abiy, mu biganiro byagaragaje umubano mwiza n'ubufatanye hagati y'u Rwanda na Ethiopia, cyane cyane mu rwego rw'ubuzima.

Ubu bufatanye bufite uruhare runini mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'abaganga b'inzobere mu Rwanda binyuze muri gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda yo gukuba kane abakozi bo mu rwego rw'ubuvuzi igamije kwihaza ku mubare w'abaganga, abaforomo n'ababyaza mu rwego rw'ubuzima. Intego ya Minisiteri y'Ubuzima ni ukongera umubare w'abiga ubuvuzi kugira ngo haboneke abagera ku 32 973 bashya bitarenze mu 2028.

# Abana barenga 30 batsinze amarushanwa yo kwandika no gusoma




Abana bahize abandi bahawe ibihembo

MICOMYIZA Fidele

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Irere Claudette, yashyikirije ibihembo abana 36 bahize abandi mu marushanwa yo gusoma no kwandika, mu muhango wabereye mu Isomero rya Kigali ku wa 29 Gicurasi 2026.***

Amarushanwa yo gusoma no kwandika yabaye ku nshuro ya gatanu, ategurwa n'Isomero rya Kigali ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi n'abandi bafatanyabikorwa.

Ni amarushanwa agamije guteza imbere ubumenyi mu ndimi z'Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa mu banyeshuri b'Abanyarwanda binyuze mu kwandika, guteza imbere ubuhanga bwo kwandika no gutekereza cyane mu banyeshuri bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Yongera ubumenyi ku bibazo by'ingenzi bigira ingaruka ku Rwanda no ku Isi hifashishijwe insanganyamatsiko ya buri gihembwe, guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hifashishijwe uburyo bwemeza ko abanyeshuri bafite ubumuga bashobora kwitabira ku buryo bungana n'abandi banyeshuri.

Ituze Nshuti Darlene, umwe mu bahawe igihembo, yiga mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye muri Lycée Notre-Dame de Cîteaux. Yanditse inkuru ivuga ku buryo umuntu ufite amafaranga ashobora kuyakoresha neza akamugirira akamaro.

Yagize ati: "Natangiye gukunda kwandika niga mu mwaka wa Kane w'amashuri abanza, ngenda nzamuka aha niho ngeze. Nibona nk'umwanditsi uzaba afasha abandi kandi nzajya nandika ibitabo bishobora kugira ibibazo bikemura mu baturage".

Niyonsenga we yanditse inkuru mu gifaransa, yavugaga ku muntu wakoze irushanwa ry'imibare, araritsinda amafaranga ahembwe atangira kwibaza icyo yayakoresha akazamubyarira andi, akomeza kubyibaza, nyuma yaje gutangiza itsinda ry'abanyeshuri ryiga kucyo umuntu yakoresha amafaranga ntamupfire ubusa.

Yagize ati" Kwandika ubundi nicyo kintu cya mbere cyibanze, iyo wanditse uba ugaragaza ibitekerezo ufite, ibi bidufasha kuba twamenya abo turi bo ariko no guhuza ibitekerezo byacu n'amasomo twiga, mbona bizatuma ngera aho nshaka kugera."

Alice Sine ni umubyeyi wa Sky Tunga Mwafrica wiga mu mwaka wa mbere wa mashuri abanza muri Ecole Chez les Bien Aimés, avuga ko byamushimishije cyane kuba umwana we yahawe ibihembo kandi ko bazakomeza kumushyigikira.

Ati: "Namubaye hafi cyane, nkamusomera ibitabo kuko nabonye nawe abikunda, mushakira ibitabo byoroheje nkanamusobanurira ntakindi. Mu myaka Icumi iri imbere, nifuza ko bizaba umwuga kuko mbona abikunda, bigakura tukamutera inkunga, yaba umwanditsi, yaba umunyamakuru cyangwa umusomyi, tuzamushyigikira."

Yakomeje asaba abandi babyeyi kuba hafi y'abana babo no kubashyigikira. Ati: "Icyo nabwira ababyeyi, mu gusoma harimo ubwenge, niho ubumenyi bwinshi buri, nabashishikariza kubaba hafi wenda utanabonye umwanya wo kumusomera ibitabo, wagerageza kubimushakira we akabisoma."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette, avuga ko aya marushanwa afasha abana gukunda gusoma ndetse bikabakangura ubwonko.

Yagize ati: "Icya mbere aya marushanwa afasha abana gukunda gusoma. Gusoma ni ingenzi, iyo umuntu asoma yiga ibintu byinshi bitandukanye bikamufungurira ubwonko.

Amarushanwa nk'aya ntabwo agarukira ku gusoma ahubwo atuma n'ibyo batekereza babyandika, niba atekereje agakuru akakandika, umuvugo akawandika n'ibindi.. [...] Umuntu rero atangira ari muto ariko nyuma yaho akazandika ibitabo byinshi kandi byiza."

Irere yavuze ko u Rwanda rwifuza ko n'andi mashuri abyitabira. Ati: "Iyo witegereje uyu munsi, umuntu atangira ari muto ariko ubutaha akazandika agashyira igitabo hanze, Minisiteri y'uburezi turifuza ko amashuri menshi abyitabira. Ni gutyo tuzabona abanditsi bandika ku Rwanda, bandika ubuzima bw'Abanyarwanda, ibintu twebwe dusoma hanze natwe tukazatangira gutuma abandi babisoma."

Muri uyu mwaka, abana 5 637 bashoboye kwitabira amarushanwa, baturutse mu bigo 350, ab'igitsina gore bari 2 891 bangana na 51.3%, igitsina gabo bari 2 746 bangana na 48.7%, naho abafite ubumuga bari 403 bangana na 7.2% bagomba guhatana mu ndimi Eshatu. Mu Kinyarwanda bari 2 743, Icyongereza bari 2 276 mu gihe abitabiriye gusoma no kwandika mu Gifaransa bari 618.

Byakoranywe ubwitonzi n'ubuhanga buhagije bituma hakomeza 80 bagombaga kuvamo 36 bazahiga abandi ari bo bahembwe kuri uyu wa Gatanu.

Abana bahawe ibihembo biganjemo abakobwa ku kigero cya 61%, abafite ubumuga bakaba ari 22%. Irushanwa ry'uyu mwaka rifite intego igira iti: 'Amafaranga ni Ingenzi (Money Matters).'

# Kwibuka 32: Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu yashimangiye ko Jenoside yateguwe



Umuyobozi wa Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu Umurungi Providence ashimangira ko Jenoside itatewe n'ihanuka ry'indege

MUTETERAZINA Shifah

***Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu (NCHR), basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Bigogwe, bashimangira ko ihanurwa ry'indege y'uwari Perezida w'u Rwanda, Juvenali Habyarimana, atari ryo ryabaye imbarutso ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko yateguwe igashyirwa mu bikorwa.***

Urwibutso rwa Bigogwe ruherereye mu Murenge wa Kanzenze mu Karere ka Rubavu, ruruhukiyemo imibiri y'Abatutsi bishwe bazira uko bavutse, bari batuye mu cyahoze ari Komini Mutura na Rwerere, tumwe mu duce tugize Igihugu twatangiye kugeragerezwamo Jenoside na mbere ya 1994, kuko abari Abatutsi bari bahatuye batangiye kwicwa mu 1990.

Ubwo Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, bifatanyaga n'abaturage bo mu Turere twa Rubavu na Nyabihu, mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku wa 29 Gicurasi 2026, Perezida wayo Umurungi Providence, yavuze ko uyu mwaka bahisemo gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Bigogwe kugira ngo batange ubutumwa bw'igihe nyacyo Jenoside yatangiye muri ako gace.

Ati: "Kuba twarahisemo Urwibutso rwa Bigogwe nubwo ari rushya, ni uko aka gace gafite amateka yihariye kuri Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, nka Komisiyo ifite inshingano zo kurengera uburenganzira bwa muntu no kwigisha Abanyarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwabo ( .....)

Twabonaga ko ari iby'agaciro kuri twe kuza hano no gutanga ubwo butumwa ko Jenoside yakorewe Abatutsi itatangiranye n'ihanurwa ry'indege ya Habyarimana kuko igerageza rya Jenoside ryakorewe ku bavandimwe bacu bari bahatuye."

Yasabye abarokotse Jenoside gutwaza gitwari, bagakomera kuko kurokoka kwabo wari umugambi w'Imana, kuko nk'Abanyarwanda bakwiye kubaka Ubumwe birinda ivangura iryo ari ryo ryose kugira ngo Igihugu kitazasubira mu mateka mabi ya Jenoside.

Uwajeneza Eleda warokokeye mu Bigogwe, avuga ko iyo babonye ababasura birushaho kubafasha kwiyubaka. Ati: "Turashimira cyane Inkotanyi zaturokoye kandi namwe mwakoze kuza kudukomeza iyo tubabonye bituma dukomera, tugakomeza ubuzima tukiyubaka."

Perezida wa IBUKA mu Karere ka Rubavu, Mbarushimana Gerard yavuze ko bababazwa no kuba hari imibiri y'ababo itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Ati: "Igihango cyacu n'Inkotanyi kiri ku mutima, tuzahora dushima ubuyobozi bwacu namwe mukomeje kudukomeza. Turashima kandi ko urwibutso rwacu rwamaze kuzura ariko turacyababajwe n'uko hari abantu tutarabona ngo tubashyingure mu cyubahiro." Urwibutso rwa Jenoside rwa Bigogwe ruruhukiyemo imibiri irenga ibihumbi 9.

# Kwibuka 32: Abakozi ba RFA basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata

IMVAHO NSHYA

***Abayobozi n'Abakozi b'Ikigo Gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyamata, biyemeza gukomeza guhangana n'abayipfobya ndetse n'abagoreka amateka y'u Rwanda bifashishije ikoranabuhanga. Ni igikorwa cyabereye ku Rwibutso rwa Nyamata ruherereye mu Karere ka Bugesera, ku wa Gatanu tariki ya 29 Gicurasi 2026.***

Ku rwibutso rwa Nyamata, abakozi ba RFA basobanuriwe amateka y'urwo rwibutso. Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata ruruhukiyemo imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside bagera ku bihumbi 45. Urwibutso rwa Nyamata rwashyizwe mu murage w'Isi n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) mu 2024 mu rwego rwo kumenya no kumenyekanisha amateka yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abo bakozi basobanuriwe amateka y'uko Jenoside yateguwe kugeza ishyizwe mu bikorwa mu 1994, aho mbere y'uko itangira byeruye ku wa 7 Mata 1994, Abatutsi bo mu Bugesera bagiye batotezwa bagakorerwa iyicarubozo. Nyuma yo gusobanurirwa amateka, Abayobozi n'abakozi ba RFA bashyize indabo ku mva rusange ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata, banunamira imibiri y'abasaga ibihumbi 45 bahashyinguwe.

Umuyobozi Mukuru wa RFA, Dr. Nsengumuremyi Concorde, yavuze ko ikigo ayoboye cyasuye uru rwibutso mu rwego rwo kurushaho gusobanukirwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, no gufata iya mbere mu guhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Ni igikorwa twajemo kugira ngo twigire ku mateka kugira ngo twese tumenye imvo n'imvano yayo ndetse dufate ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo, turushaho guhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Dr. Nsengumuremyi yasabye abakozi ba RFA kwifashisha ikoranabuhanga bagahangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Yagize ati: "Turashishikariza Abakozi b'Ikigo gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) gufata iya mbere mu guhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, no kurwanya ingengabitekerezo yayo hifashishijwe ikoranabuhanga ku mbuga nkoranyambaga zitandukanye, hagamijwe kubaka Igihugu gitekanye, gifite icyizere cy'ejo hazaza kuri twebwe ndetse n'abazadukomokaho."

RFA yatanze inkunga kuri uru rwibutso mu rwego rwo kurushyigikira ngo rukomeze kwagura ibikorwa bifasha gusobanurira abaturarwanda amateka. Abakozi ba RFA kandi baremeye uwarokotse Jenoside utishoboye wo mu Karere ka Bugesera.

RFA ni ikigo gifite intego yo kongera amashyamba, kuyacunga no kuyabungabunga hagamijwe iterambere rirambye.



Abayobozi n'abakozi ba RFA biyemeje guhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Nyagatare: Isanwa ry'umuhanda Rwabiharamba- Karangazi rizoroshya ingendo



Umuhanda Rwabiharamba- Karangazi uri gusanwa uzazamura ibikorwa by'ubucuruzi

HITIMANA SERVAND

***Umuhanda Rwabiharamba-Karangazi uri gusanwa ukazuzura utwaye miliyoni 600 z'amafaranga y'u Rwanda abawukoresha bavuga ko bizaborohereza mu ngendo ndetse no mu bikorwa by'ubucuruzi, ubuhinzi n'ubworozi.***

Uwo muhanda uhuza Pariki y'Akagera n'umuhanda munini werekeza mu mujyi wa Nyagatare n'umupaka wa Kagitumba ureshya n'ibilometero 19,8 uri gusanwa mu gihe hategerejwe ko uzashyirwamo kaburimbo.

Abawukoresha bavuga ko wari warangiritse biturutse ku kuba ukoreshwa cyane yaba mu bikorwa by'ubuhinzi, ubworozi, ubucuruzi kandi ukanifashishwa na ba mukerarugendo basura Pariki y'Akagera kandi ko bidshimiye kuba watraangiye gukorwa.

Kamuhangire Sam agira ati: "Gusana uyu muhanda ni igisubizo kuri twe kuko wari utubangamiye.Wari warangiritse ku buryo nk'abantu tuwifashisha dutwara amata ku makusanyirizo ndetse no ku ruganda wasangaga dutinda mu nzira ndetse amata akaba yakwangirika biturutse kukugenda yicundagura."

Akomeza agira ati: "Ikindi ni uko ibinyabiziga byacu byangirikaga ariko ubu tukaba twizeye ko ingendo zacu zigiye kuba nziza, abantu bakihuta kandi n'urujya n'uruza rukiyongera. Uyu muhanda kandi uzanadufasha mu kugeza umusaruro wacu ku masoko tudahenzwe kuko abafite imodoka batazongera kwiganyira kuza gupakira umusaruro badusanze aho dukorera."

Ndagijimana Pascal we avuga ko gusana uyu muhanda bizorohereza abacuruzi kuhageza ibicuruzwa bityo abaturage bakagurira hafi batavunitse.

Ati: "Iyo hari umuhanda ukoze neza bitworohereza kugerwaho n'ibicuruzwa. Iyo umuhanda ari mubi akenshi ibyo turanguye biza kuri moto hakaza bike ndetse ikiguzi kikiyongera. Ariko umuhanda iyo ari mwiza abaranguza bazana imodoka bakatumenera ibicuruzwa tukabifatira hafi binagera ku baturage ku buryo bworoshye. Turishimira ikorwa ry'uyu muhanda."

Uwo muhanda kandi uzorohereza abawukoresha basura Pariki y'Akagera ndetse bifashe abifuza kurara no gutemberera mu mujyi wa Nyagatare.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Kakooza Henry avuga ko ubuyobozi bushingiye ku byifuzo by'abaturage bwafashe icyemezo cyo gusana uyu muhanda kugira ngo abawukoresha babe bagenda neza mu gihe ariko hategerejwe ko uzashyirwamo kaburimbo.

At: "Urumva uyu muhanda dufite gahunda ko uzashyirwamo kaburimbo, ni umuhanda uduhuza na Pariki y'Akagera ariko ukanaduhuza n'umushinga wa Gabiro HAB wo mu cyanya gikorerwamo ubuhinzi bukomeye.Ikigamijwe ni ugufasha abawukoresha kutagira imbogamizi z'imigendere mibi, ariko mu buryo burambye tubasezeranya ko tugiye kuzawushyiramo kaburimbo.

# Kamonyi: Abanyeshuri basabwe kurinda Igihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside

HABIIMANA ERIC

***Urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye rwasabwe gukomeza kugira uruhare mu kurinda Igihugu no kwirinda uwashaka kurushora mu bikorwa bishobora guhungabanya umutekano n'ubumwe bw'Abanyarwanda, hibutswa ko Igihugu cyakoze byinshi kugira ngo abaturage babeho mu mutekano no mu mahoro.***

Ubu butumwa bwatangiwe mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyahuje abarezi, abanyeshuri n'abakozi bakoreraga ishuri rya APPEC Remera-Rukoma bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Urubyiruko rurasabwa kuba umusemburo w'ibyiza rurwanya abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside

Sibomana Protais, ushinzwe uburezi mu Murenge wa Rukoma, yavuze ko amateka agaragaza ko bamwe mu rubyiruko rwakoreshejwe muri Jenoside kubera ubuyobozi bubi bwariho icyo gihe, ariko ko n'urwayihagaritse rwari urubyiruko rwari ruyobowe na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.

Yasabye urubyiruko kwigira ku mateka no kuba intangarugero aho rutuye, mu miryango no mu mashuri cyane cyane muri iki gihe hagaragara bamwe basabitswe n'ingengabitekerezo ya Jenoside cyangwa bakarererwa mu miryango itabaganiriza amateka Igihugu cyanyuzemo.

Yagize ati: "Mufite Igihugu cyiza kandi gifite ubuyobozi bwiza, ni inshingano zanyu kugisigasira no guharanira ko ibitekerezo bibi bidakomeza guhererekanywa mu rubyiruko."

Yakomeje avuga ko kubaka Igihugu bidakorwa n'abanyeshuri gusa, ahubwo ko bisaba ubufatanye bw'abarezi, abayobozi n'ababyeyi, kandi ko byose bitangirira ku ntebe y'ishuri.

Nsengiyaremye Jean Claude, uhagarariye umuryango IBUKA mu Murenge wa Rukoma, yashimiye gahunda yo gutegura ibikorwa byo kwibuka mu mashuri, avuga ko bifasha urubyiruko gusobanukirwa amateka no gufata inshingano zo kuyabungabunga.

Yavuze ko kwibuka atari umuhango gusa, ahubwo ari umwanya wo guha icyubahiro abazize Jenoside no kwigisha abakiri bato indangagaciro zo kurwanya ivangura n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Urubyiruko ni rwo mbaraga z'Igihugu, ni ngombwa ko rugira uruhare mu gukumira icyatuma amateka mabi agaruka, binyuze mu kumenya ukuri no kubaka ubumwe."

Mugwaneza François uhagarariye APPEC Remera-Rukoma mu mategeko, yavuze ko hari gahunda yo gukusanya no kubika amazina y'abarezi, abanyeshuri n'abakozi baryo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse no gushakisha amakuru ku mibiri y'abataraboneka kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Yasabye abafite amakuru ku bahoze bakorera cyangwa biga muri iri shuri bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuyatanga, kugira ngo bakomeze guhabwa icyubahiro gikwiye no kuzirikanwa mu mateka y'ikigo.

Kugeza ubu, hamaze kumenyekana abantu 45 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bari bafitanye isano n'ishuri rya APPEC Remera-Rukoma. Muri bo harimo abarimu batatu, abanyeshuri 33 n'ababyeyi icyenda bashinze iri shuri.

Iki gikorwa cyabaye umwanya wo kubunamira no gukomeza gusigasira amateka yabo, hanasabwa urubyiruko gukomeza kuba umusingi w'u Rwanda ruzira amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

# Kayonza: Abantu 30 bibaga amabuye y'agaciro bafashwe hifashishijwe drones



Abakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro batahurwa na drones

HITIMANA Servand

*Polisi y'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Iburasirazuba yatangaje ko hamaze gufatwa abakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bagera kuri 30 batahuwe hifashishijwe ikoranabuhanga ry'indege nto zitagira abapilote (drones), igasaba abishora muri ibyo byaha kubihagarika.*

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Uburasirazuba SSP Hamdun Twizerimana, yavuze ko gukoresha indege nto zitagira abapilote mu gucunga umutekano zatangiye gutanga umusaruro mu kurwanya ibyaha bikorwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Agira ati: "Mu minsi mike dutangije ubu buryo ubu tumaze gufata abacukuzi bagera kuri 30 barimo 18 twafatiye mu Murenge wa Rwinkwavu ndetse na 12 muri Nyamirama."

Umuvugizi wa Polisi akomeza asaba abaturage bagikora ubucukuzi butemewe kubihagarika kuko ntaho kwihisha hagihari. Ati: "Abacyishora muri ibi bikorwa bitemewe, turabasaba kubihagarika kuko uburyo bwo kubatahura kuri ubu bururoshye. Ikindi ariko bakwiye no kumva ko kubireka bishingiye ku kuba ari ibikorwa binyuranije n'amategeko bibangamira umurimo w'ubucukuzi ndetse bikanateza umutekano muke mu buryo butandukanye."

Bamwe baturage b'i Rwinkavu baturiye hamwe mu hacukurwa amabuye y'agaciro bavuga ko bashima ibikorwa by'ubuyobozi mu gukumira abacukuzi batemewe kuko aho bikorwa binabangamira abahatuye.

Mugiraneza Damien yagize ati: "Twashimye buriya buryo bwa drone iri kuzenguruka ireba abacukura mu buryo butemewe kuko bizafasha mu kubihagarika. Inaha abantu bacukura bihishe usanga hari abangiza imitungo y'abaturage kandi nta ngurane baguha, aho bishora mu mirima y'aho bakeka amabuye. Barimbagura imyaka cyangwa amashyamba y'aho bakeka amabuye. Ikindi bagurisha ku biciro babonye bigatuma abacukuraga babifitiye uruhushya bibagusha."

Mukashyaka Anaesia na we yongeyeho ko abakora ubucukuzi butemewe bateza akajagari n'umutekano muke, kuko hari abarwanira mu birombe bapfa amabuye bacukuye.

Yakomeje agira ati: "Ubu buryo bwo kubakumira rero mbona buzadufasha, aka kazi kakajya gakorwa n'ababifitiye uburenganzira cyane ko bo hari na bimwe mu bikorwa bifitiye inyungu abaturage bajya bagaruka bagakorera aho bakorera ubucukuzi. Ibi birimo nko kubakira abatishoboye n'ibindi.

Mu bice bitandukanye byo mu Karere ka Kayonza hakunze kuvugwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa mu buryo butemewe aho bigaragara mu Mirenge ya Rwinkwavu, Nyamirama, Mwiri, Rukara ndetse na Murundi.

# Musanze: Abamaze imyaka 3 bizezwa 'transformer' amaso yaheze mu nzira



Abaturage bategereje transfo imyaka itatu irashize

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage batuye mu Midugudu ya Kabaya na Buhoro, yo mu Murenge wa Muhoza mu Karere ka Musanze, bavuga ko bamaze imyaka isaga itatu n'igice bizezwa guhabwa icyuma cyingerera imbaraga umuriro w'amashanyarazi kikanafasha mu kuwusaranganya mu baturage kizwi nka transfo (transformer), ariko ngo amaso yabo yaheze mu kirere.***

Aba baturage bavuga ko kutagira transfo bituma umuriro uba muke ndetse bikabagiraho ingaruka zikomeye cyane cyane ku bafite ibikorwa bikenera amashanyarazi.

Mu buhamya bwabo, bavuga ko iyo abaturage benshi bacanye amashanyarazi cyane cyane mu bihe bya nimugoroba, umuriro uba muke cyane ku buryo bamwe badashobora kureba amakuru kuri televiziyo cyangwa ngo bayumve kuri radiyo zikoresha amashanyarazi.

Niyonteze Albert, umwe muri abo baturage, yagize ati: "Tumaze imyaka irenga itatu tubwirwa ko transfo igiye kuza ariko amaso yaheze mu kirere. Iyo abantu bose bacanye amatara nimugoroba umuriro uragenda cyangwa ugacika intege ku buryo televiziyo itaka neza."

Abafite ibikorwa by'ubucuruzi bikenera amashanyarazi menshi bavuga ko iki kibazo kibahombya. Abafite imashini zisya ibinyampeke na bo bavuga ko zidashobora gukora neza kubera umuriro muke, ibintu bituma serivisi baha abaturage zitagenda uko bikwiye.

Muhawenimana Daikora, undi muturage ukora ubusuderi mu Murenge wa Muhoza, yavuze ko ibikorwa bye bikomeje kudindira kubera ikibazo cy'umuriro udafite ingufu zihagije.

Yagize ati: "Imashini zacu ntizikora neza. Hari igihe umuriro uba muke ku buryo gusudira bidakunda kandi abakiliya bakadutakariza icyizere."

Abaturage bavuga kandi ko abana babo bahura n'imbogamizi mu kwiga nijoro kuko amashanyarazi aba adafite ingufu zihagije cyangwa akabura burundu. Iyo umuriro ubuze, ngo bamwe bagenda baginga ibikuta kubera umwijima mwinshi.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Musanze ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwamariya Clarisse, yavuze ko hari umushinga munini w'Ikigo cy'Igihugu cy'Ingufu (REG) ugamije gusimbuza insinga z'amashanyarazi zangiritse n'amapoto uzakemura icyo kibazo.

Yagize ati: "Bahereye mu Mirenge ya Shingiro, Musanze, Busogo, ahantu hose hari ayo mapoto ashaje hari gahunda yo kuhagera cyane ko ashaje. Hari ndetse na gahunda yo gukwirakwiza umuriro mu ngo, n'iyo transfo rero ntekereza ko nyuma y'aho iyo Midugudu yo muri Muhoza ivuga ko nta muriro uhagije uzabageraho."

Umukozi wa REG ishami rya Musanze, Eng Batangana Regis, yavuze ko abaturage batuye muri iyo Midugudu na bo bari muri gahunda yo kuvugururirwa imiyoboro y'amashanyarazi ndetse no kugezwaho transfo nshya kugira ngo ikibazo cy'umuriro muke gikemuke burundu.

Yagize ati : "Uretse no kuba bavuga ko Transifo itari yabageraho muri ako gace harimo n'amapoto ashaje, iyi transfo rero iri mu mushinga witwa RUEP. Aho yagombaga guterekwa rero kugeza ubu hari ibyari birimo gukosorwa ku buryo mu cyumweru gitaha muri Kamena 2026, izaba yahageze n'umuriro wagezemo. »

Yijeje abaturage ko nyuma yo kuvugururwa imiyoboro no gushyiraho ibikorwa remezo bishya, ikibazo cy'umuriro muke kizagabanyuka ku buryo bazabona amashanyarazi ahagije abafasha mu bikorwa byabo bya buri munsi ndetse n'iterambere ry'imirimo yabo.

Kugeza ubu Akarere ka Musanze kageze ku kugeza umuriro w'amashanyarazi ku aturage kigero cya 82% mu gihe intego ari ukuyageza kuri bose bitarenze mu mwaka wa 2029.

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

# U Busuwisi bushima u Rwanda rugaburira abanyeshuri ibishyimbo bikungahaye ku butare

***Ambasaderi Wungirije w'u Busuwisi mu Rwanda, Ueli Mauderli, yashimye uburyo u Rwanda rwashyize imbere gahunda yo kugaburira abanyeshuri ibishyimbo bikungahaye ku butare, avuga ko ibyo bikorwa bifite uruhare rukomeye mu kunoza imirire y'abana no kubigisha ubuhinzi bubateza imbere.***

Yabitangaje ku wa 25 Gicurasi 2026 ubwo yasuraga ibigo by'amashuri bya G.S Bugarama Cité na TTC Mururu mu Karere ka Rusizi, byahinze ibi bishyimbo binyuze mu mushinga wa CIAT uterwa inkunga n'Ikigo cy'u Busuwisi gishinzwe Iterambere.

Uyu mushinga ugamije guteza imbere ubuhinzi hifashishijwe imbuto z'indobanure zitanga umusaruro mwinshi, ukaba ukorana na Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ibigo biyishamikiyeho ndetse na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Ibi bishyimbo byatanzwe mu mashuri mu rwego rwo gushyigikira gahunda ya Leta yo kugaburira abana ku ishuri, nyuma yo kugaragara ko bifasha mu kunoza imirire no kurwanya igwingira ry'abana.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, yavuze ko ubu buryo bufite akamaro gakomeye kuko bufasha amashuri kugabanya amafaranga yakoreshwaga mu kugura ibishyimbo byinshi byo gutegurira abanyeshuri amafunguro.

Muri aka karere habarurwa amashuri abanza n'ayisumbuye 174 yahawe imbuto z'ibi bishyimbo muri Gashyantare 2026, ubu bikaba byaratangiye gusarurwa. Umuyobozi wa GS Bugarama Cité, Mbarushimana Hamimu, yavuze ko ibi bishyimbo bifite uruhare rukomeye haba mu musaruro no mu mirire y'abanyeshuri.

Ati: "Muri iri shuri dufite abana 2 716, barimo abaturuka mu ngo zikennye cyane, barya rimwe ku munsi na bwo bitaboroheye, ugasanga imikurire yabo ntimeze neza. Kuko hano barya kumanywa, bakeneye cyane ibi bishyimbo mu kunoza imikurire yabo. Twabihinze ari byinshi, turanateganya kubyongera bakazajya babifata kenshi mu mafunguro yabo."

Yavuze ko umusaruro wabyo uruta cyane uw'ibishyimbo bisanzwe. Ati: "Bitanga umusaruro mwinshi kurusha ibisanzwe kuko nk'aha twajyaga duhinga ibisanzwe kuri hegitari 1,2, tugatera ibilo 150 tukeza hagati y'ibilo 600 na 700, ariko kuri ibi, twateye ibilo 70, muri Gashyantare uyu mwaka, bihura n'izuba muri Gashyantare na Werurwe. Muri Mata imvura iba nke, tweza ibilo birenga 500. Twateganyaga toni n'ibilo 200 iyo tudahura n'urwo ruzuba."



Ambasaderi wungirije w'u Busuwisi mu Rwanda, Ueli Mauderli yeretswe ibishyimbo bikungahaye ku butare byahinzwe muri GS Bugarama Cité

Yasobanuye kandi ko ishuri ryazigamye amafaranga menshi kubera uyu musaruro. Ati: "Ubundi ikilo tukigura amafaranga 1500. Ibilo birenga 500 twari kuzabitangaho arenga ibihumbi 750. Ibi nta faranga rindi twabitanzeho haba mu kubitera, kugera mu isarura kuko hari ababyeyi batishoboye bafite abana biga hano, bafasha muri ubu buhinzi, n'abanyeshuri ubwabo mu mirimo y'amaboko bagafasha, ku buryo harimo inyungu nyinshi."

Yavuze ko iri shuri riteganya kongera ubuso buhingwaho ibi bishyimbo bukava kuri hegitari 1,2 bukagera kuri hegitari 4,2. Ati: "Nitubihinga gutyo ibihembwe 2 umwaka utaha wose uzarangira nta bindi bishyimbo tuguze, nitugira amahirwe ikirere ntikidutenguhe."



Ibishyimbo bikungahaye ku butare bifasha abana gukura neza

Nyuma yo gusobanurirwa uburyo ibi bishyimbo bifasha abanyeshuri, Ambasaderi Ueli Mauderli yavuze ko byamushimishije cyane. Yagize ati: "Biratangaje cyane kubona ikigo cy'ishuri kirimo abana bangana gutya, baruta ubwinshi ab'icyo nizeho, barya ibishyimbo bihingiye bikanabafasha guhaha ubwo bumenyi mu buhinzi bakanabugeza iwabo,kimwe n'abarimu babo. Biranshimishije cyane."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi bwatangaje ko umusaruro w'ibi bishyimbo uzafasha kugaburira abanyeshuri barenga 170 000 biga mu mashuri abanza n'ayisumbuye, ndetse amafaranga yajyaga mu kugura ibishyimbo akazifashishwa mu bindi bikorwa bifasha abanyeshuri. Abanyeshuri n'ababyeyi bahawe imbuto z'ibi bishyimbo bavuze ko bishimiye iyi gahunda kubera uruhare ifite mu guteza imbere imirire.

Habumugisha Olivier wiga mu wa 2 muri GS Bugarama Cité, ati: "Bigiye kudufasha mu mirire myiza aha ku ishuri, binagere mu miryango yacu. Tubishimira mbere na mbere umukuru w'igihugu Paul Kagame utwifuriza kubaho neza n'uko nta mwana ugomba kwiga ashonje cyangwa yariye nabi."

Murorunkwere Eliane ufite abana 9 barimo 3 biga kuri iri shuri,wahawe imbuto yabyo ajya guhinga na we ati: "Ababyeyi barerera hano twagize uruhare mu kubihinga aha ku ishuri tunabiryaho twumva biryoshye, cyane cyane n'intungamubiri zabyo. Kuba ngiye kubihinga mu rugo n'abandi bana bakazabiryaho byanshimishije cyane bitavuga. Ni cyo ababyeyi babihinze aha ku ishuri twifuzaga."

# Ubuze umusoro arakubitwa akanyagwa amatungo - Ubuhamya bw'uwavukiye mu mashyamba ya RDC



Hakizimana avuga ko yavukiye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo, ariko ko kuva yavuka yari atarabona amahoro

NDOLI Sitio

***Hakizimana Sebutozi, ni umwe mu Banyarwanda batashye muri uku kwezi kwa Gicurasi, agaragaza uburyo bahohoterwaga kubera ko babuze umusoro wo gusorera inyeshyamba zo mu mashyamba ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Hakizimana avuga ko yavukiye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo. We na bagenzi be bari batuye mu gace kazwi nka Petimunsanga muri Walikare. Avuga kandi ko ubuzima butari buboroheye. Mu byari bibakomereye we na bagenzi be, harimo gutanga umusoro utawubonye agakubitwa ndetse akaba yanafungwa.

Ati: "Ako gace kayobowe n'uwitwa Gido, yajyaga adusoresha amafaranga yitwa Irengerabuzima, ni amafaranga yo muri RDC 2 000 (1 000 FRws) buri kwezi guhera ku myaka 15 buri wese yagombaga kuyatanga." Akomeza agaragaza ko utayabonye bamushakaga bakamufunga ndetse hakiyongeraho n'inkoni cyangwa se bakaza kugutwara ibintu mu rugo iwawe.

Ati: "Iyo ukwezi kwashiraga buri wese yagombaga kuyatanga, utayabonye ntabyo kwiregura barakujyanaga bakajya kugufunga, maze bakaza iwawe bagatwara itungo bahasanze. Iyo itungo bariburaga baragufungaga ndetse ugakubitwa cyane kugeza igihe abo mu muryango wawe bayazaniye."

Akomeza avuga ko atari amagambo byamubayeho aho hari igihe yayabuze kuko afite abana bane n'umugore bityo yagombaga gusorera abantu batatu. Ati: "Uko kwezi ntabwo nari narabonye akazi maze barantwara banyishyuza ibihumbi bitandatu. Barantwaye barankubita cyane kugeza umugore wanjye ayashatse arayazana kuko itungo twari dufite yari inka rero nari nabwiye umugore ngo ayihishe maze baje barayibura."

Uretse kuba barasoraga Hakizimana ahamya ko ubuzima bundi bwari bugoye kuva yavukira mu buhungiro mu nkambi ya Mugunga. Hakizimana ni umwe mu Banyarwanda 1 850 bamaze guca mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi. Kuri ubu avuga ko yiteguye gufatanya n'abandi Banyarwanda agiye gusanga cyane cyane aho avuka mu gace ka Kayove, kuri ubu ni mu Karere ka Rutsiro.

# Nyamasheke: Ubuhinzi bw'umuceri bwahinduye ubuzima bw'abagore bo muri Kirimbi

NGABOYABAHIZI Protais

***Abagore bo mu Mudugudu wa Gisesero, Akagari ka Muhororo, Umurenge wa Kirimbi mu Karere ka Nyamasheke, bavuga ko kwibumbira muri Koperative Duhuzimbaraga bagamije guhinga umuceri mu buryo bwa kinyamwuga byabahinduriye ubuzima ku rwego rugaragara, aho benshi bamaze kwiteza imbere bakava mu bukene.***

Abo bagore bavuga ko mbere bahingaga umuceri bagamije kubona ibyo kurya gusa, ariko nyuma yo kwibumbira muri koperative no gukora ubuhinzi bwa kijyambere bugamije isoko n'iterambere, batangiye kubona amafaranga abafasha guteza imbere imiryango yabo. Bavuga ko ubu bamwe bavuguruye inzu zabo, abandi bagura amatungo ndetse abana babo bakaba biga mu mashuri meza babikesha amafaranga ava mu musaruro w'umuceri.

Marie Yamfashije, umwe mu bagore bahinga umuceri muri iyi koperative, avuga ko ubuhinzi bw'umuceri bwamubereye umusingi w'iterambere. Yagize ati: "Mbere twahingaga umuceri wo kurya gusa ariko nta terambere byatangaga. Tumaze kwibumbira muri koperative no guhinga kinyamwuga twatangiye kubona amafaranga. Njyewe ubwanjye navuguruye inzu yanjye ndetse ngura n'inka, kandi ibyo byose bifite agaciro kari hafi ya miliyoni 8 Frw."



Mu gishanga cya Kirimbi , abagore bahinze umuceri kuri hegitare 127

Avuga ko kuba bagurishiriza hamwe umusaruro wabo bibafasha kubona amasoko yizewe no kwirinda abamamyi babaguriraga ku giciro gito.

Mukankuba Ruth yavuze ko kwibumbira hamwe byamufashije kumenya gukorana n'ibigo by'imari no gukoresha neza amafaranga akura mu buhinzi. Yagize ati: "Koperative yatumye menya gukorana na banki n'ibigo by'imari. Ubu mbasha gufata inguzanyo nkayishyura neza kuko ubuhinzi bw'umuceri bunzanira amafaranga ahoraho. Mu gihembwe cy'ihinga ntabwo mbura nibura amafaranga agera ku bihumbi 700 Frw."

Akomeza avuga ko ubuhinzi bwa kinyamwuga bwatumye abagore benshi biyungura ubumenyi bwo kwizigamira no gutekereza ku iterambere ry'igihe kirekire. Yagize ati: "Ndashishikariza abandi bagore kwibumbira mu makoperative no gukora ubuhinzi bagamije amafaranga n'ibibatunga kuko ni byo bituma umuntu ava mu bukene."

Abanyamuryango ba Koperative Duhuzimbaraga bavuga ko mbere umusaruro wabo wapfaga ubusa cyangwa ukagurishwa ku giciro gito kubera kutagira uburyo bwo kuwugeza ku isoko, ariko ubu bawugurishiriza hamwe bikaborohera kubona abaguzi ndetse bakabona amafaranga abafasha kwiteza imbere.

Umuyobozi wa Koperative Duhuzimbaraga, Christine Uwizeyimana, avuga ko iyi koperative igizwe n'abanyamuryango 1 530 bahinga umuceri kuri Hegitari 127, kandi ko kuva batangira gukorera hamwe mu 2010 imibereho y'abanyamuryango yahindutse cyane.

Yagize ati: "Mbere y'uko twibumbira muri koperative abaturage bari barasigaye inyuma cyane. Umusaruro wapfaga ubusa cyangwa ugatwarwa n'abamamyi ku giciro kidafite inyungu ku muhinzi. Ariko ubu abanyamuryango biteje imbere, bafite amafaranga kandi batanga n'akazi ku bandi."

Yongeyeho ati: "Ikindi cyadufashije cyane ni gahunda ya Tekana Urishingiwe Muhinzi-Mworozi. Ubu abahinzi bafite ubwishingizi bw'ibihingwa byabo ku buryo iyo habaye ibiza baba bizeye ko bashumbushwa. Ibi byatumye barushaho gukorana icyizere no gushora amafaranga mu buhinzi bwabo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Joseph Désiré Muhayeyezu, avuga ko kwibumbira mu makoperative ari imwe mu nzira zifasha abaturage kwihuta mu iterambere, cyane cyane abagore.

Yagize ati: "Abagore bo muri Koperative Duhuzimbaraga ni urugero rwiza rw'abagore biteje imbere binyuze mu bikorwa bibabyarira inyungu. Iyo abaturage bishyize hamwe bibafasha kubona amasoko, gukorana n'ibigo by'imari no kongera umusaruro."

Yakomeje ashishikariza abandi bagore gukomeza kwibumbira mu makoperative no gukora ibikorwa bibateza imbere aho gukorera mu bwigunge. Yanabibukije gukomeza gushyira imyaka yabo mu bwishingizi, cyane cyane umuceri uhingwa mu bishanga bikunze guhura n'ibiza.

Yagize ati: "Intara y'Iburengerazuba ni imwe mu zikunze kwibasirwa n'ibiza, ni yo mpamvu ari ngombwa ko abahinzi bakomeza gushyira imyaka yabo mu bwishingizi kugira ngo badahomba igihe habaye ikibazo cy'imvura nyinshi cyangwa ibindi biza, kuko na byo biri mu bituma bagira icyizere ku musaruro wabo."

Akarere ka Nyamasheke gatangaza ko kugeza ubu ubuhinzi bw'umuceri bukorerwa kuri Hegitari 308, kandi ababukora benshi bibumbiye mu mashyirahamwe n'amakoperative.

# Nyamasheke: Barifuza akazu k'abagenzi aho bategera imodoka ko kugamamo imvura n'izuba



**Abagenzi bifuza ko hakubakwa akazu bugamamo izuba n'imvura igihe bagitegereje imodoka**

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Umurenge wa Bushekeri mu Karere ka Nyamasheke n'abandi bagenzi bategera imodoka ahitwa mu Kagera, mu Kagari ka Nyarusange, barasaba ubuyobozi bwako Karere kububakira akazu k'abagenzi kuko nyuma y'aho inzu zari zihakikije bazisenyeye hagurwa umuhanda wa Kivu Belt imvura n'izuba bibangamira abaza kuhategera.***

Ni agace kari ku muhanda munini wa kaburimbo wa Kivu Belt, abagenzi benshi bahagararamo bategereje imodoka zijya cyangwa ziva i Kigali- Rusizi- Rubavu n'ahandi zinyuze mu Karere ka Nyamasheke. Mbere yo kuwagura, habaga inzu z'ubucuruzi abagenzi bugamagamo, barazisenya zimurirwa kure, ku buryo ugiyeyo kugama asanga imodoka zimusizе.

Abatuye mu Murenge wa Bushekeri bavuga ko bamaze igihe bagaragaza iki kibazo, mu nama nyinshi bakorana n'ubuyobozi bw'Umurenge n'Akarere, bakabemerera ubuvugizi bwo kukahubaka, bikarangirira aho umwaka ugashira undi ugataha.

Usengimana Théoneste ukatira amatike abagenzi baje gutega imodoka, yabwiye Imvaho Nshya ko kutakagira biteza ingorane nyinshi cyane. Ati: "Imvura y'ino igwa itunguranye, hari igihe rwose izuba riba ryavaga cyane mu kanya ukabona imvura iraguye. Nk'abanyembaraga birukankira ku nzu ziri ruguru y'umuhanda kure bakugama ariko imodoka zikabasiga bakatishije amatike kubera ko zitabategereza."

Yongeyeho ati: "Umunyantege nke nk'umukecuru cyangwa umusaza, umuntu ufite ubumuga, urwaye, abana n'abandi, baremera ikabanyagira kuko ntibashobora guhita bagera aho bugama. Utegereje imodoka ku zuba ryinshi na we riramwica. Akazu k'abagenzi kakemura ibyo bibazo."

Uwase Soline, Imvaho Nshya yasanze ahahagaze ategereje imodoka imvura ihise, yavuze ko yose yamushiriyeho kuko ntaho yari kugama. Ati: "Imvura yose inshiriyeho mpagaze hano. Amahirwe ni uko itajemo urubura ruba rwanyangije. Ngiye ku ishuri mu Karere ka Karongi, ibikoresho n'imyambaro byanyagiwe kandi iyo ari mu itangira ry'amashuri imodoka ziza zuzuye. Nangaga kuhava ngo itansiga nkabura indi. Batubabarire rwose batwumve, turahangayitse cyane."

Tumuhawenayo Divine ati: "Iyo dutegereje iza nijoro umuntu ntashobora kubona aho aruhukira cyangwa ngo abantu bagire aho baba baganirira bayitegereje. Tekereza nk'umugore utwite cyangwa umuntu ufite ibindi bibazo by'ubuzima utaba yabona aho yicara cyangwa aryama ngo aruhuke ategereje imodoka cyangwa ayivuyemo. Nyamara ahandi hose muri izi nzira utwo tuzu turahari. Karakenewe cyane."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Muhayeyezu Joseph Désiré avuga ko, iki kibazo Akarere kakigejejweho kabona gifite ishingiro, akabizeza ko, ubuyobozi bw'Akarere bugiye gukorana n'abikorera bakareba ko kahajya byihuse.

Ati: "Karahakenewe byo buri wese uhageze ahita abibona. Ubundi utuzu tw'abagenzi kuri iyi mihanda minini twubakwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere rya Taransiporo (RTDA). Ariko turabyihutisha, dusabe uburenganzira binyuze mu bikorera b'Umurenge tugikemure kuko natwe tubona ko atari byo ko umugenzi uhategereje imodoka agira ikibazo icyo ari cyo cyose."

---

HABIMANA ERIC

# Kwigisha urubyiruko amateka ni intwaro yo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside

***Abayobozi batandukanye mu Karere ka Kamonyi bongeye gushimangira ko kwigisha urubyiruko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari imwe mu ntwaro ikomeye yo kurwanya ingengabitekerezo yayo no kubaka ejo hazaza h'u Rwanda rushingiye ku bumwe n'ubudaheranwa.***

Ibi byagarutsweho kuri uyu wa 27 Gicurasi 2026 mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyateguwe n'Urwunge rw'Amashuri rwa Remera-Rukoma (GS Remera-Rukoma), aho hibukwaga abarimu, abanyeshuri n'abandi bakozi b'iki kigo bishwe muri Jenoside

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rukoma, Mandela Innocent, yavuze ko urubyiruko rukwiye kurindwa ingengabitekerezo ndetse rukanigishwa amateka nyayo y'u Rwanda kuko hari bamwe bakigaragaza ingengabitekerezo ya Jenoside, aho bayikura mu miryango yabo.

Ari naho yahereye asaba abanyeshuri kutemera umuntu uwo ari we wese ushaka kubasubiza mu macakubiri, kabone n'iyo yaba umubyeyi cyangwa umurezi. Ati: "Mufite igihugu gifite ubuyobozi bwiza kandi bubakunda, ntimukemere umuntu ushaka kubabibamo urwango cyangwa kubakoresha amacakubiri, uwashaka kubayobya wese mumwamagane kuko igihugu ni cyo mubyeyi wa mbere."




**Abarezi barasabwa kwigisha abana amateka**

Yakomeje ashimangira ko Leta y'u Rwanda yiyemeje kurinda urubyiruko no gukomeza kubaka Igihugu kirangwa n'ubumwe, amahoro n'iterambere. Umuyobozi wa GS Remera-Rukoma, Ruhigande Aaron, yavuze ko iki gikorwa cyo kwibuka ari umwanya wo kuzirikana no gusubiza icyubahiro abarimu, abanyeshuri n'abakozi b'iki kigo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Aho yavuze ko benshi muri bo bari bafite inzozi zo kubaka igihugu cyiza ariko bakicwa bazira uko bavutse. Ati: "Turibuka urubyiruko rwari rufite intego z'ejo hazaza heza ndetse n'abarezi bari bafite umutima wo kubaka igihugu, kubibuka ni ukubasubiza icyubahiro no gukomeza guharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi."

Yasabye abanyeshuri gukomeza kwiga amateka no kuyakuramo amasomo abafasha kurinda ibyo igihugu cyagezeho. Uhagarariye IBUKA mu Karere ka Kamonyi, Benedata Zacharie na we yasabye urubyiruko kwitabira amahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa kuko abafasha gusobanukirwa amateka ya Jenoside n'ingaruka zayo.

Yagize ati: "Urubyiruko rukwiye kugira uruhare mu kubungabunga amateka ya Jenoside, ruyandika kandi rukanayashyira mu mashusho kugira ngo azafashe n'ibisekuru bizaza kuyamenya, ibyo rero muzabimenya nimuhurira hamwe mukayiga atari mu ishuri gusa, no mu mahuriro y'ubumwe n'ubudaheranwa kandi natwe nka IBUKA tuzabashyigikira."

Yakomeje ashimangira ko guhangana n'abapfobya cyangwa abahakana Jenoside bikwiye guhera mu rubyiruko kuko ari rwo mizero y'ahazaza h'u Rwanda. Muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, muri GS Remera-Rukoma hiciwe abarimu 10, abanyeshuri batandatu n'abandi bakozi batatu, bose hamwe bakaba 19 bamaze kumenyekana ko biciwe muri iki kigo.

# ITANGAZO RY'ISOKO

Rwanda National Dairy Platform
Rubirizi/Kicukiro District
OUR MILK, OUR HEALTH, OUR FUTURE

**TENDER NOTICE**

**SUPPLY OF OFFICE EQUIPMENT FOR 12 DISTRICTS**

**Background**

Rwanda National Dairy Platform (RNDP) has received funding from the Rwanda Dairy Development Project (RDDP II); an IFAD funded project under the special project Implementation Unit (SPIU) in the Ministry of Agriculture and Animal Resources (MINAGRI). The project is implementing activities geared towards development of the dairy value chain in Rwanda.

The RNDP is currently a service provider to RDDP II for the implementation of key dairy value chain segments' activities. The platform would like to use part of the funds received from the project for the procurement of office equipment for 12 district dairy committees.

The platform intends to strengthen operational capacity at district level by providing essential office equipment.

**Objective**

To procure and deliver office equipment to the DDC's for 12 districts.

**Scope of Work**

The supplier will supply office equipment to 12 districts, including transportation, installation, and provisional warranty of not less than one year of full operation.

The supplier shall ensure that all office equipment is permanently labeled/marked with the Platform's name (RNDP) before delivery to the districts.

**Delivery Locations**

The equipment shall be delivered to the following districts:

Gisagara, Nyaruguru, Nyamagabe, Muhanga, Kamonyi, Rusizi, Karongi, Rulindo, Gakenke, Ngoma, Kirehe and Bugesera.

**Office Furniture Specifications**

| S/N | Description | Image | QTY PER DISTRICT | SPECIFICATION |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Office Desk |  | 1 | Writing table with fixed 3 Size: 140*75*75 cm drawers table in all 25mm thickness<br>fixed 3 drawers in 16mm thickness adjustable feet<br>96mm u type alum handle<br>1.0mm thickness slider<br>2 x Black color cable hole cover<br>good quality central lock<br>beech color / OAK Color |
| 2 | File Cabinet |  | 1 | CABINET:<br>Shangrila Walnut + light oak or Grey Bookshelf 2 Door Glass Cabinet<br>W800*D400*H2000mm |
| | Office Chairs (High back mesh chair - HT 7004 L) |  | 1 | High adjustable headrest high adjustable lumbar support high adjustable armrest with pu pad 2 levers butterfly mechanism (any angle locking and tension adjust) class 3 gas lift 350mm chromed base black nylon castor Color: Black color |
| 5 | Visitor Chair - HT 7011 D |  | 1 | High adjustable lumbar support<br>pp armrest dia 25 x 1.8mm insert 1.5mm thickness<br>black powder coating finish<br>metal frame<br>black color |

**Deliverables**

Complete delivery, installation and warranty certificates.

**Duration**

30 days from contract signing.

**Evaluation Criteria**

Technical specification compliance, price competitiveness, delivery timeline, and administrative documents.

**Submission Requirements**

Bidding proposal, financial quotation, administrative documents (company registration, tax clearance certificate and other documents.

**Submission Details**

Well printed bids written in English must reach, in sealed envelopes at Rwanda National Dairy Platform office, not later than **3rd June 2026 at 11:59 PM.**

**Envelopes to be addressed to:**

**Executive Secretary, Rwanda National Dairy Platform**
**"Bid for the supply of Office Equipment for District Dairy Committee's offices"**
The opening of the bids will take place in a public session on 5th June 2026 at 10:00 am local time at Rwanda National Dairy Platform office located at Blue Star House, Kacyiru.

Done at Kigali, on 25 May 2026

**MUSIIME UMURUNGI Florence**

**Executive Secretary, RNDP**

RWANDA NATIONAL DAIRY PLATFORM
RNDP
TEL: 0788302613
RUBIRIZI - KICUKIRO

# ITANGAZO RY'ISOKO

Tel (250) 788 306 740

Republic of Rwanda
Ministry of Defence
Office of the Permanent Secretary
P.O. Box 23 Kigali

REF: 326/DEF/334/F/01.01/026 25 May 2026

**TENDER NOTICE Nº 001/PU/MOD/26-27**

1. The Ministry of Defence (MoD) invites qualified bidders to submit bids for the following tenders:

| Tender number | Tender name | Type of contract |
|---|---|---|
| 001/PU/MOD/26-27 | Supply of Fuel | Framework Contract |
| 002/PU/MOD/26-27 | Supply of Printing Consumables | Framework Contract |
| 003/PU/MOD/26-27 | Supply of Beddings | Framework Contract |
| 004/PU/MOD/26-27 | Supply of Workshop Equipment and Consumables | Framework Contract |
| 005/PU/MOD/26-27 | Supply of TV Screens and Accessories | Framework Contract |
| 006/PU/MOD/26-27 | Provision of Cleaning and Garden Maintenance Services | Framework Contract |

2. Bidding Documents may be obtained from Procurement Office in the building of MoD/RDF HQS, Kimihurura, Kigali City; Tel: 0788672536/0788317202; E-mail: goodsprocurement@minadef.gov.rw & serviceprocurement@minadef.gov.rw upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of Ten thousand Rwandan Francs (**10,000 RWF**) for each tender on RRA Account Number in any commercial bank operating in Rwanda.

3. Well printed bids properly bound must be submitted in 03 copies of which, one of them should be an original and 02 copies conforming to the original. Bids in sealed envelopes must be addressed and submitted to the Ministry of Defence's Procurement office before 10:00 Hrs local time on 15 **June 2026.** Late bids shall be rejected and returned unopened.

4. The opening of bids will take place on the same date of submission of bids in the presence of bidders or their representatives who choose to attend from 10:30 Hrs local time in the conference room of the MoD's Procurement office respectively as tenders are ranked.

5. Any information regarding the aforementioned tenders may be obtained by any interested bidder through a letter addressed to the MoD Procurement Office at the address mentioned above not later than 14 days before the deadline of bids submission.

6. Bidding will be conducted in accordance with the Law N°31/2022 of 21/11/2022 on Public Procurement.

Done at Kigali, on 25 May 2026

BY AUTORITY DELEGATION
Col Onesphore TARAMBU
DG CORPORATE SERVICES - MOD

MINISTRY OF DEFENCE

**Celestin KANYAMAHANGA**
Brigadier General
Permanent Secretary

# ITANGAZO RY'ISOKO

**RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL**
**Sainte Marie (ROSH, Ste Marie)**
**Tel: (+250) 795290784 / 795294948**
**E-mail: stmarie.rilima@gmail.com**
**Website: www.rilimaorthopaedic.rw**

Kigali Archdiocese ROSH, Ste Marie Cura Cum Caritate

**ITANGAZO Nº 02/F/2025-2026/ ROSH Ste Marie /BUGESERA DISTRICT**

Ubuyobozi bwa **'Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie *(ROSH, Ste Marie)*'** buramenyesha abacuruzi bose babyifuza kandi babifitiye ububasha n'ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko akurikira :

| Nomero y'isoko | Izina ry'isoko | Igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa | Igihe cyo gufungura inyandiko z'ipiganwa |
|---|---|---|---|
| 01/F/2025-2026/ ROSH Ste Marie | Isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubuganga (Medical equipment Supply) | **16 /06/ 2026, 11:30** | **16/06/2026, 12:00**, mu cyumba mberabyombi cya ROSH Ste Marie |
| 03/F/2025-2026/ ROSH Ste Marie | Isoko ryo kugemura umwuka wifashishwa mu buvuzi (Medical Oxygen Supply) | **16 /06/ 2026, 11:30** | **16/06/2026, 12:00**, mu cyumba mberabyombi cya ROSH Ste Marie |
| 04/F/2025-2026/ ROSH Ste Marie | Isoko ryo kugura imyenda y'Ibitaro, amalido no kwandika ku myenda muri ROSH, Ste Marie (Purchase Uniforms, curtains and labelling) | **16 /06/ 2026, 11:30** | **16/06/2026, 12:00**, mu cyumba mberabyombi cya ROSH Ste Marie |

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa ry'ayo masoko biboneka mu biro by'Umukozi ushinzwe amasoko muri **'Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie *(ROSH, Ste Marie)*'** mu minsi y'akazi guhera tariki ya 26/05/2026, hagati ya saa mbiri za mu gitondo (08:00') na saa kumi n'imwe za nimugoroba (17h00'). Buri gitabo cy'isoko ryapiganiwe cyishyurwa amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi y'amanyarwanya (10.000Rwf) kuri konti y'Ibitaro **Nº100236844689**, ifunguye muri Banki ya Kigali (BK), mu izina rya «RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL ».

Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bagejeje amabahasha afunze neza arimo inyandiko z'ipiganwa mu biro by'Umukozi ushinzwe amasoko muri ROSH, Ste Marie, bitarenze itariki n'isaha byavuzwe mu mbonerahamwe iri haruguru.

Gufungura amabahasha mu ruhame nabyo ni kuri iyo tariki saa sita (12 :00), mu cyumba mberabyombi cya **'Rilima Orthopedic Specialized Hospital, Sainte Marie *(ROSH, Ste Marie)*.**

Bikorewe Rilima, kuwa 25 Gicurasi, 2026.

**Dr. Albert NZAYISENGA**
**Umuyobozi Mukuru wa ROSH Ste Marie**

KIGALI ARCHDIOCESE
RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL Sainte Marie (ROSH, Ste Marie)

# ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 2 8 MAY 2026
Ref. N°186.0./SPIU/026

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)
P.O Box 6674
KG 563 St., Queen's Land House, Ground Floor
Email: info@rtda.gov.rw
**KIGALI**

**SPECIFIC PROCUREMENT NOTICE**
**Readvertised (amendment)**
**Invitation for Bids [IFB]**
**Works**
**(Without Prequalification)**

| | |
|---|---|
| IFB Number: | 003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB |
| Employer: | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| Project: | BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP) |
| Contract title: | Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) |
| Country: | Rwanda |
| Loan No./Grant No.: | 2000300001315 |
| Procurement Method: | Open Competitive Bidding (International) (OCBI) |
| OCBI No: | 003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB |

Issued on:

1. The Government of Rwanda (GoR) has secured funds from the African Development Bank (ADB)" hereinafter called the Bank toward the cost of BURUNDI-RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP). and intends to apply part of the proceeds toward payments under the contract for Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) . For this contract, the Borrower shall process the payments using the Direct Payment disbursement method, as defined in the Bank's Disbursement Guidelines and procedures for Investment Project Financing.

2. Rwanda Transport Development Agency (RTDA) now invites sealed Bids from eligible Bidders for Upgrading Works of Kinigi-Kora(28.1km).

3. Bidding will be conducted through the Open Competitive Bidding (International), OCBI procedures as specified in the Bank's Procurement Framework [the Procurement Policy for Bank Group Funded Operations, dated October 2015] and is open to all eligible Bidders as defined in the Procurement Framework.

Website: http://rtda.gov.rw

# ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Date: 20/05/2026
Ref no 126./0107/SG/2026

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 028-DAT-GMVP-2025-2026**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: GMVP**

**CONTRACT TITLE: Tender for Hiring a consultant to conduct a feasibility study for the construction of a water system in 10 villages of Mukindo sector, Gisagara District.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of Japanese Red Cross through its GMVP Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Hiring a consultant to conduct a feasibility study for the construction of a water system in 10 villages of Mukindo sector, Gisagara District** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above.
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **1st June 2026 at 2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

# ITANGAZO RY'ISOKO

~ 2 ~

4. Interested eligible Bidders may obtain further information from Rwanda Transport Development Agency (RTDA), Email: procurement@rtda.gov.rw and inspect the Bidding document during office hours from 9:00AM to 5:00PM local time at the address given below.

5. The bidding Documents in English may be purchased by interested eligible Bidders upon the submission of a written application to the address below and upon payment of a nonrefundable fee of Ten Thousand Rwandan Francs only (10,000 FRW) or in a convertible currency. The method of payment will be by depositing such an amount in a Rwanda Revenue Account (RRA) opened in any commercial bank in Rwanda or, alternatively, in the account N° 1000007737 of RRA opened at National Bank of Rwanda.

6. Bids must be delivered to the address below on or before **09/07/2026 at 10:00 a.m.**, local time (8:00 GMT). Electronic Bidding will not be permitted. Late Bids will be rejected. Bids will be publicly opened in the presence of the Bidder s' designated representatives and anyone who chooses to attend at the address above on the same day, at **10:30 A.M local time (8:30 GMT)**.

7. All Bids must be accompanied by a Bid Security of an amount of **Nine Hundred Fifty Million Rwandan francs (950,000,000)** or its equivalent amount in a freely convertible currency.

8. Attention is drawn to the Procurement Framework requiring the Borrower to disclose information on the successful bidder's beneficial ownership, as part of the Contract Award Notice, using the Beneficial Ownership Disclosure Form as included in the bidding document.

9. The address referred to above is:

**Attn: Imena MUNYAMPENDA**
**Director General**
**Rwanda Transport Development Agency (RTDA)**
**Attention: Director General**
**KG 563 St., Queen's Land House, Procurement Office, Second Floor**
procurement@rtda.gov.rw

Yours sincerely,

**Imena MUNYAMPENDA**
**Director General**

# ITANGAZO RY'ISOKO

Croix-Rouge Rwandaise
Rwanda Red Cross

Date: 20/05/2026
Ref no 127. /0107/SG/2026

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 027-DAT-PROTECT-2025-2026**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: PROTECT**

**CONTRACT TITLE: Tender for Hiring Consultant for Making topographic survey in Mubuga, Gishyita, Mahembe and Gihombo sectors of Karongi and Nyamasheke Districts especially in Murangara, Kigarama, Kibingo and Kagarama cells.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of Austrian Red Cross through its PROTECT Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Hiring Consultant for Making topographic survey in Mubuga, Gishyita, Mahembe and Gihombo sectors of Karongi and Nyamasheke Districts especially in Murangara, Kigarama, Kibingo and Kagarama cells** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender in the table above.
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **1st June 2026 at 2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

*Gira Umutima Utabara*

## ITANGAZO RY'ISOKO

**RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL**
Sainte Marie (ROSH, Ste Marie)
Tel: (+250) 795290784 / 795294948
E-mail: stmarie.rilima@gmail.com
Website: www.rilimaorthopaedic.rw

Kigali Archdiocese ROSH Ste Marie — Cura Cum Caritate

### Tender Notice / Invitation for Bids

**Title of the tender**: Hiring Hygiene company (**Cleaning services**)

1. The RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, SAINTE MARIE (ROSH, Ste Marie), hereinafter called "Client". The Client intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the contract for which this Bidding Document is issued.
2. The RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, SAINTE MARIE (ROSH, Ste Marie), invites eligible bidders to submit bids for the ***cleaning services*** as indicated in detail in the statement of Requirements.
3. Tender Documents in *English* may be obtained from the hospital working hours from publication invitation date. Submission of the bids, all interested bidder must pay non-refundable fee of *ten thousand Rwandan francs (10,000 Frw)* to the account of RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, SAINTE MARIE (ROSH, Ste Marie) **N°100236844689 on Bank of Kigali (BK).**
4. A site visit is scheduled on **June 4th, 2026 from 10:00 A.M. to 11:00 A.M** local time at RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, Sainte Marie and **June 5th, 2026 from 10:00 A.M to 11:00 A.M** local time at RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL, Sainte Marie/ **KIGALI BRANCH.** Only Managing Director appearing on registration certificate issued RDB is allowed for site visit with presence of National identity card and original copy of registration certificate.
5. Two copies of bids (Original and copy) will be submitted in one envelop to Procurement office of ROSH, Ste Marie not later than June 16th, 2026 at 11:00 A.M. The opening will be done on the same date at 11:30 A.M. at the hospital conference room.
6. All interested bidders may obtain some complementary information from the hospital working hours
7. Bidding will be conducted in accordance with the Law governing Public Procurement

Dane at Rilima, on 25th, May 2026

**Dr. Albert NZAYISENGA**
**Director General**

KIGALI ARCHDIOCESE — RILIMA ORTHOPEDIC SPECIALIZED HOSPITAL Sainte Marie (ROSH, Ste Marie)

## ITANGAZO RY'ISOKO

**G.S. RUKIRA**
**AKARERE KA HUYE**
**UMURENGE WA HUYE**
**Tel.: 0783868448**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA ISOKO N° 2/2026**

**IZINA RY'ISOKO:** Kugemura, **ibikoresho byo mu Bureau n'ibikoresho bya CONSUMMABLES umwaka w'amashuri wa 2025/2026 na 2026/2027.**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **GS RUKIRA** riherereye mu kagari ka RUKIRA, Umurenge wa Huye, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo, burahamagarira abacuruzi,amasosiyete cyangwa amashyirahamwe abyifuza kandi abifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko ryokugemura ibikoresho byo mu bureau n'ibikoresho bya CONSUMMABLES **umwaka w'amashuri wa 2025/2026 na 2026/2027** muri iryo shuri.

Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iryo piganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera tariki ya 29/05/2025 nyuma yo kwerekana inyemezabwishyu bishyuriyeho amafaranga ibihumbi icumi **(10000Frw) adasubizwa,** ashyirwa kuri konti z'ishuri nimero 461112060210138 iri muri Banque Populaire (BRR)

Amabahasha afunze neza kandi arimo igitabo kimwe cy'umwimerere na kopi 2 bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya 04/06/2026 saa Tatu(9h00),Gufungura ayo mabahasha mu ruhame bizakorwa uwo munsi tariki ya 04/06/2026 saa tat n'igice (9h30') mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri.

Bikorewe RUKIRA kuwa 28./05/2026
**BENIMANA Protains**
Umuyobozi wa G.S RUKIRA

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLICK Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA KAYONZA

**ITANGAZO RYO KUMENYEKANISHA ISOKO**

GS GIKAYA Iramenyesha ba Rwiyemrzamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko rishaka gutanga **ISOKO RYO KUBAKA ICYUMBA CY' ABARIMU NA BIRO (STAFFROOM AND OFFICE) INTEBE N' AMEZA BYAZO** muri uyu mwaka w'amashuri wa **2025/2026.**

Abifuza gupiganira iri soko bashobora kubona igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera tariki ya **22/05/2026**, kugeza **11/06/2026**, bamaze kwishyura amafaranga yo kugura igitabo **10,000Frws** adasubizwa kuri compte y'ishuri rya **GS GIKAYA No:900005657900** iri muri **UMWALIMU SACCO.**) kwakira no gufungura amabahasha muruhame ni kuwa **11/06/2026** saa yine n'igice(**10h:30**)Inyandiko zizaza nyuma ntizizakirwa.Bizabera mu cyumba inama cya **GS GIKAYA.**

Bikorewe i Kayonza,ku wa 21/05/2026
**ASIMWE WILLIAM**
Umuyobozi wa GS GIKAYA

GROUPE SCOLAIRE GIKAYA — MINEDUC

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

# CYAMUNARA RWANDA LTD

**Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI**
**www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com**

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA YA MOTO 77 ZA ESSANCE N'IZ'AMASHANYARAZI NZIZA ZA JALI FINACE.**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**,sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro "CYAMUNARA"ibiherewe ububasha na sosiyete **JALI FINACE**, iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ku wa gatanu taliki **05/06/2026** saa satanu izagurisha mu cyamunara moto zitandukanye.

1. **Moto za essence z'amoko yose**
2. **Moto z'amashanyarazi z'amoko yose**

Cyamunara izabera mu ruhame muri parking ya Jali finance iruhande rwa station MERU munsi ya rondpoint ya sonatube ku KICUKIRO arnaho gusura bibera buri munsi.

**CYAMUNARA RWANDA Ltd IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBI BIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganwa mu magambo(**LIVE AUCTION**).
- ✓ Uguze moto yishyura ikiguzi cyose ako kanya.
- ✓ Uguze moto akorerwa mutation akokanya
- ✓ Uguze moto asabwa guhita ayitwara

NB:Ukeneye ibindi bisobanuro cg kugurisha icyo aricyo cyosebyihuse,**Tel:0787334130/0788822147**

Izindi cyamunara urazisanga ku rubuga **www.amatangazo.com**

Bikorewe I Kigali, kuwa 01/06/2026

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

*your business partner of choice in assets valuation and auctioneering services* 1

# Abacikanwe n'amatike y'igitaramo cya King James bashyizwe igorora



Umuhanzi King James witeguye kuzasusurutsa abakunzi be

MICOMYIZA Fidele

***Abategura igitaramo cya King James cyo kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki batangaje ko hazabaho umunsi wa 2 wacyo mu rwego rwo guha amahirwe abakunzi be bacikanwe n'amatike ya mbere yashize rugikubita.***

Ibi ni bimwe mu byavugiwe mu kiganiro n'abanyamakuru ku wa 30 Gicurasi 2026, cyateguwe na Kompani ya Intore Entertainment ari nayo iri gutegura iki gitaramo.

Bruce Intore uhagarariye Intore Entertainment yavuze ko nyuma yo gushyira hanze amatike agahita ashira batekereje ku bacikanwe ndetse babonye igisubizo gikwiriye yagize ati: "Tumaze gushyira amatike y'igitaramo hanze yahise ashira, nyuma yaho twagiye tubona ibyIfuzo by'abantu batandukaye bakomeje gusaba ko yacyimurira ahantu hanini aho basabaga ko yataramira muri Stade Amahoro, ariko tubirebye dusanga dufite igihe gito murabizi ko gutegura igitaramo muri Stade bisaba ibintu byinshi."

[...] Ni bwo twafashe umwanzuro wo kongeraho umunsi wa kabiri, ubu rero biremejwe bidasubirwaho ko umunsi wa kabiri uhari kizaba ku wa 2 Kanama 2026."

Amatike y'igitaramo cya kabiri azajya hanze mu cyumweru gitaha ku wa 1 Kamena 2026 mu gihe umunsi wa mbere wacyo, uzaba ku ya 1 Kanama 2026.

King James yavuze ko yashimishijwe cyane no kubona amatike y'igitaramo cye yarashize vuba kuri uriya muvuduko kuko mu masaha 24 gusa kimwe cya kabiri cyayo cyari cyashize mu minsi itatu gusa akaba yose yashize.

Yavuze ko ibanga ryatumye akomeza kuba umuhanzi mwiza ntacike intege mu myaka 20, ari uko kuri we abafana be ari bo baterankunga cyane ko atigeze anagaragara agira abandi baterankunga batandukanye nk'abandi bahanzi.

King James ni umuhanzi watangiye umuziki mu 2006 amenyekana cyane mu 2009 akora indirimbo zibanda ku rukundo n'izindi zijyanye n'indangaciro zitandukanye zose zigamije gutanga ibyishimo ku bakunzi b'injyana ye, azwi mu ndirimbo zirimo Ni iki utabona? Poupette, Nta mahitamo, Igitekerezo, Narihannye, Birandenga, Kora ikofi, Ganyobwe n'izindi nyinshi.




Amatike ya mbere y'igitaramo cya King James yashize rugikubita

# Mike Kayihura yahishuye urwo akunda Niyomugabo Philemon

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Mike Kayihura yavuze ko urukundo akunda umuziki yarukuranye kuva mu bwana bwe, anahishura ko umuhanzi yubaha cyane mu Rwanda ari Niyomugabo Philemon. Yabitangaje mu ijoro ryo ku wa 28 Gicurasi 2026 ubwo yari umutumirwa mu gitaramo cy'Urwenya cya Gen-Z Comedy, mu gace kazwi nka "Meet Me Tonight", cyabereye muri Camp Kigali.***

Mu kiganiro yagiranye n'abari bitabiriye iki gitaramo, Mike Kayihura yabajijwe bamwe mu bahanzi akunda kumva cyangwa yakuze akurikira ibikorwa byabo, asubiza ko Niyomugabo Philemon ari umwe mu bahanzi yemera cyane. Yagize ati: "Numva Niyomugabo Philemon. Navuga ko ari we muhanzi njyewe nemera kurusha abandi mu Rwanda, ariko hanze y'u Rwanda njyewe nakuze numva harimo Stevie Wonder wacurangaga."

Niyomugabo Philemon ni umwe mu bahanzi nyarwanda bamamaye mu myaka yashize, aho yakoze indirimbo zakunzwe zirimo 'Zirikana'. Mike Kayihura yanavuze ko mu baraperi nyarwanda akunda harimo Kivumbi King, Ish Kevin na Bull Dogg.

Uyu muhanzi yavuze kandi ko nubwo yakundaga umuziki kuva akiri muto, bitamworoheye kubyumvisha ababyeyi be ko ashaka kuwugira umwuga. Gusa ngo uko imyaka yagiye ihita, baje kumushyigikira. Ati: "Ubu ngubu bacana televiziyo bakambona. Uretse n'ibyo ni ibintu mbashimira kuba baranshyigikiye. Ni urugendo rutari rworoshye, n'ubu rutoroshye."

Muri icyo kiganiro kandi, Mike Kayihura yanamuritse EP ye nshya yise 'Intwaza', yakiranywe ibyishimo n'abakunzi be, cyane cyane urubyiruko rukunze kwitabira ibitaramo bya Gen-Z Comedy. Uretse gukora umuziki nk'umwuga, Mike Kayihura yanize ibijyanye na wo muri Ethiopia. Amashuri abanza yayize muri La Colombière, na ho ayisumbuye ayakomereza muri Green Hills Academy.




Umuhanzi Mike Kayihura yahishuye ko Nyakwigendera Niyomugabo Philemon yari umwe mu bahanzi yemera

# APR FC yashyikirijwe igikombe cya Shampiyona yatwaye ku nshuro ya karindwi yikurikiranya



APR FC yegukanye igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya karindwi yikurikiranya

**SHEMA IVAN**

***Ikipe ya APR FC yashyikirijwe Igikombe cya Shampiyona y'u Rwanda cya 2025/26, ku munsi wa nyuma w'iyi shampiyona.***

Iyi kipe yagishyikirijwe kuri iki Cyumweru, tariki ya 31 Gicurasi 2026, nyuma y'umukino w'umunsi wa 34 usoza Shampiyona y'u Rwanda yatsinzemo Gicumbi FC ibitego 2-0 kuri Kigali Pele Stadium.

Abitabiriye uyu mukino babanje gususurutswa na Bande y'Ingabo z'u Rwanda yakoze akarasisi nka kimwe mu bikorwa byateguwe mu birori byo kwishimira Igikombe cya Shampiyona.

Ibitego bya APR FC muri uyu mukino byatsinzwe na William Mel Togui ku munota wa 44 na Cheikh Djibril Ouattara ku munota wa 50.

Rutahizamu Djibril Ouattara wabaye umukinnyi w'uyu mukino, ni we usoje Shampiyona atsinze ibitego byinshi (18), arusha kimwe Mbonyumwami Taiba wa Marine FC.

APR FC yasoje ku manota 68 ku mwanya wa mbere mu makipe yo mu Rwanda, ikarushwa amanota arindwi na Al-Hilal SC yo muri Sudani.

Gicumbi FC yasoje ku manota 38 mu mikino 34, iri ku mwanya wa 11.

Iki gikombe cya Shampiyona ya 2025/26, cyabaye icya 24 APR FC yegukanye muri rusange ndetse n'icya karindwi yikurikiranya dore ko ari ukuva mu 2020 aho nta yindi kipe ikoramo.

Amakipe ya Rutsiro FC na AS Muhanga yamanutse mu Cyiciro cya kabiri, yasimbuwe na Sunrise FC na Etoile de l'Est zizakina muri Shampiyona ya 2026/27.

# Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yatorewe kuyobora FERWACY




Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yatorewe kuyobora FERWACY mu myaka ine iri imbere

**SHEMA Ivan**

***Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yatorewe kuyobora Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umukino w'Amagare (FERWACY) mu myaka ine iri imbere.***

Amatora ya Komite Nyobozi ya FERWACY yabereye mu Nteko Rusange Idasanzwe, yateranye ku Cyumweru tariki ya 31 Gicurasi 2026.

Nkurayija Ishimwe Jean Hubert wari umukandida rukumbi kuri uyu mwanya wa Perezida, yatowe ku majwi 10 kuri 11 y'abatoye bose.

Asimbuye Ndayishimiye Samson wari umaze imyaka ibiri kugira ngo asoze manda yari yaratorewe Komite yari iyobowe na Murenzi Abdallah.

Makuza Clement yatorewe umwanya wa Visi Perezida wa mbere ku mwajwi 9 kuri 11 ni mu gihe Umuhoza Ange Belyse yaterewe kuba Visi Perezida wa Kabiri n'amajwi umunani kuri 11 y'abatoye.

Ruyonza Arlette wari Umunyamabanga wa FERWACY muri Komite icyuye igihe, yongeye gutorerwa uyu mwanya nyuma yo gutsinda ku majwi 11 kuri 11, Katabarwa Daniel yongeye gutorerwa umwanya w'Umubitsi ku majwi 11 kuri 11 naho Bizimana Albert yatorewe kuba umwanya w'umugenzuzi.

Abajyanama bane biyamamaje ariko babiri muri bo nibo batsinze, abo ni Karambizi Rabini-Hamim wari usanzwemo wagize amanota icyenda na Nsengiyumva Jean Claude wagize amajwi arindwi.

Bahigitse Mupenzi Christophe René wagize amajwi ane na Ntembe Jean Bosco wagize amajwi abiri.

Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yari asazwe ari Umuhuzabikorwa wa Tour du Rwanda inshingano yagiyemo mu kwezi k'Ukuboza 2025 asimbuye Kamuzinzi Freddy wari usoze amasezerano ye.

Komite Nyobozi nshya yatorewe kuyobora FERWACY ifite inshingano zikomeye zo gukomeza kuzamura uyu mukino umaze gutera imbere mu Rwanda ndetse no gutegura amarushanwa akomeye arimo Tour du Rwanda 2027 izatangira mu mpera za Gashyantare.

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-61 TARIKI 26 GICURASI-1 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Paris Saint Germain yegukanye UEFA Champions League ku nshuro ya kabiri yikurikiranya




**PSG yatsinze Arsenal yegukana igikombe cya UEFA Champions League ku nshuro ya kabiri yikurikiranya**

**SHEMA Ivan**

***Paris Saint-Germain yegukanye Igikombe cya UEFA Champions League itsinze Arsenal penaliti 4-3 nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu mukino wakinwe iminota 120.***

Uyu mukino w'ishiraniro wabereye i Budapest muri Hongrie kuri Puskas Arena, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 30 Gicurasi 2026.

Ni umukino wabimburiwe n'ibirori byo kuwutangiza, aho itsinda the The Killers ry'abacuranzi bo mu njyana ya Rock ryasusurukije abafana mbere y'uko abakinnyi bakomeye ari bo Thierry Henry wakiniye Arsenal FC ari kumwe na Presnel Kimpembe wakiniye Paris Saint Germain basohora igikombe cyari kigiye gukinirwa.

Arsenal ni yo yatangiye neza umukino kuko ku munota wa gatandatu yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Kai Havertz ku mupira mwiza yacomekewe na Leandro Trosaard.

Nyuma yo gutsindwa iki gitego, Paris Saint Germain yinjiye mu mukino itangira guhererekanya neza mu kibuga hagati ishaka igitego cyo kwishyura harimo koruneri ebyiri zikurikiranya yabonye ariko biranga.

Ku munota wa 26 Arsenal yabonye ubundi buryo bukomeye bwashoboraga kuvamo igitego cya kabiri ku mupira mwiza Bukayo Saka yahinduye imbere y'izamu ariko birangira umunyezamu wa PSG atabaye awukuramo.

Mu minota 30, iyi kipe y'i Paris yakomeje gusatira ishaka igitego cyo kwishyura ariko ikagorwa n'ubwugarizi bwa Arsenal bwari buhagaze neza. Igice cya mbere cyarangiye Arsenal itsinze Paris Saint Germain igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, PSG yakomeje gusatira cyane, ariko abakinnyi bayo bakina basatira bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Iyi kipe ntiyacitse intege kuko ku munota wa 64, myugariro Christhian Mosquera wa Arsenal yakoreye ikosa Khvicha Kvaratskhelia ari mu rubuga rw'amahina, umusifuzi yemeza ko ari penaliti. Iyo Penaliti yinjijwe neza na Ousmane Dembélé atsindira Paris Saint igitego cyo kwishyura.

Ku munota wa 66, Umutoza wa Arsenal FC, Mikel Arteta yakoze impinduka ebyiri Christhian Mosquera, Martin Odegaard basimburwa na Jurrien Timber na Viktor Gyokeres.

Ku munota wa 77, PSG yahushije igitego cyabazwe ku mupira watewe na Khvicha Kvaratskhelia, ushyirwa muri Koruneri itagize icyo itanga:

Iminota 10 ya nyuma yaranzwe no gukomeza gusatira cyane kwa Paris Saint Germain ariko ubwugarizi n'umunyezamu wa Arsenal bakomeza kwihagararaho.

Iminota 90 y'umukino yarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1. Hashyizweho indi minota 30 y'inyongera kugira ngo hamenyekane uwegukana igikombe. Iyi minota yarangiye amakipe yombi akomeje kunganya bityo hashyirwaho penaliti.

Paris Saint Germain yazitwayemo neza itsinda Arsenal penaliti 4-3 yegukana igikombe cya UEFA Champions League 2025/26. Uyu mukino wahuzaga amakipe yombi afitanye ubufatanye n'u Rwanda aho yamamaza ubukerarugendo bwarwo binyuze muri Visit Rwanda.

Ni inshuro ya kabiri yikurikiranya, PSG, ikipe yo mu Mujyi wa Paris yegukanye igikombe cy'irushanwa rihuza amakipe yabaye aya mbere iwayo mu Burayi.

Ni mu gihe Arsenal yatsindiwe ku mukino wa nyuma ku nshuro ya kabiri nyuma ya 2006.



**Ousmane Dembélé yishyuriye PSG kuri penaliti**



**Khvicha Kvaratskhelia agerageza gushaka inzira hagati y'abakinnyi ba Arsenal**